N° 20



**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.**

KA02 1398



Photo ORINFOR

*Umubano w'u Rwanda n'u Burundi nta gitotsi kirimo. Kuri iyi foto Minisitiri wacu Bizimungu Kazimiri araganira na Minisitiri Mbonimpa Cyprien w'u Burundi.*

- **Bamwe mu bayobozi ba M.D.R bashobora gutuma itakaza abayoboke**
- **KAMEYA ni we ubwe witunga urutoki**
- **Air Rwanda akarima ka KARANGWA**
- **Ari Minisitiri ari na Perezida wa Repubulika ni nde utegereza undi ?**

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel : Rwanda : 2400 FRW
Afrique : 4400 FRW
Europe : 5000 FRW
Sur cpte BCR : 14273114 KIGALI

... engage l'auteur et l'éditeur

L'imprimerie PRINTER SET n'est engagée que par la qualité de l'impression.

EDITORIAL

# UKURI GUCA MU ZIKO NTIGUSHYE



*Ubu mu ntoki zanyu mufite n° 20 ya KANGURA. Uwo mubare uracyari muto ku kinyamakuru gisohoka kabiri mu kwezi. Umwaka urarenga iyo ubaze iminsi kimaze kivutse. Ubu cyagombye kuba kigeze muri za nimero 30 ariko ni ikinyamakuru cyakunze guhura n'ingorane zinyuranye mu mikorere yacyo kandi ziracyakomeza. Umurimo w'itangazamakuru ntiworoshye rwose. Ukorwa n'abantu bazi gushinyiriza, bakihangana, bagahatana.*

*Mu minsi ishize twamenyesheje abasomyi ko hari indi KANGURA "Spécial Guerre d'Octobre" bagomba kubariza aho basanzwe bagurira KANGURA. Barabajije barayibura none ubu ni ngombwa ko babwirwa uko byagenze. Icyo kinyamakuru gishya cyaranizwe, cyangiwe gusohoka. Nyamara twari dutangiye dushaka indi migambi mishya y'ukuntu twatsinda iyi ntambara y'amasasu.*

*Mu by'ukuri, Ibiro Bishinzwe Iperereza mu Rwanda byaranetse bisanga hari inyandiko zitagomba gusohoka. Izo nyandiko turazerekwa. Tuzivanamo. Icapiro rikomeza imirimo yaryo irarangira, ridutumaho ngo tujye gutwara ibyacu. Ntituzi uko byagenze, kuko tuhageze ibintu byahise bihinduka. Ngo ikinyamakuru cyanyu ntigisohoka. Ese ko igitotsi Ibiro Bishinzwe Iperereza byadusabye kuvanamo cyavuyemo, irindi pfunwe ryasigaye ni irihe?*

*Basomyi ba KANGURA, ikinyamakuru cyanyu gihura n'ibibazo byinshi, binyuranye kandi by'ingorabahizi. Bityo rero ugasanga ahanini bidukomerera kuzuza amasezerano tuba twabahaye. Nimutwumve, kandi ababifitiye ubushake badufashe guhatana. Intambara KANGURA irwana si iy'abanyamakuru bayo gusa; Mwe mwese mwumva ko icyibanze ari ugutsinda inyenzi-inkotanyi, igihe kirageze cyangwa cyarageze cyo kumva ko turi kumwe. Muri politiki Abanyarwanda babarirwa ko iyi ntambara atari iy'amoko. Babarirwa ko abatutsi atari bo bayishoje. Ibyo ni politiki. Niko bigomba kuvugwa. Nyamara se iyo umuntu avuye mu rwego rwa politiki, akajya mu rw'imibare, akabarura abagize cyangwa abari mu nkotanyi, agakora ibarura rishyira ahagaragara abahutu, abatwa n'abatutsi barimo, haboneka uwuhe mwanzuro?*

*Ntitugomba kwibagirwa, Banyarwanda mutatatiye izo mwanyoye, ko intambara y'inyeshyamba nayo igira amahame igenderaho. Muri yo harimo kutarambirwa, kumara igihe kirekire, gutuma umwanzi yinubira intambara... Iyo wumvise uko abaturiye u Rwanda basigaye baganira iyi ntambara usanga basa n'abinuba, basa n'abarambiwe iyi ntambara idashira. Ibyo ntibyagombye kuba, habe no kuvugwa. Ni ugutiza umwanzi umurindi kuko amayeri ye mu kurwana yagerwaho neza. Basirikari, ngabo z'u Rwanda, baravuga ngo, icumu rivurwa n'irindi. Abo bagome muzakomeze mubereke ko muri icyuma gicura inyundo. Amayeri bakoresha mu bunyeshyamba bwabo bazasange mwarayavumbuye. Mwari muzi ko iyo umuntu arebye aho inyeshyamba ziri mu bihugu by'Afurika, nko muri Uganda, Sudani, Somali, Mozambike... asanga muri ibyo bihugu bimaze kuvugwa, u Rwanda ari rwo rwonyine rwabashije kuvana abo batindi mu ishyamba bari bagezemo, bagashiramo? Ahandi byarananiranye.*

*Ngaho ngabo z'u Rwanda nimukomeze muce agahigo, umwanzi n'umukunzi bose babakuriye ingofero kuko n'utabubashye k'urugamba ntabura kubatinya.*

*Mu by'ukuri, mu gutsinda no gutsindwa umuntu agira mu kazi bihindura imyifatire ye mu mibanire ye n'abandi. Na none kandi umurimo uhagaritswe utuzuye utuma nyir'ukuwukora asigarana umunezero ucagase. Bahutu rero murugarijwe, niba koko mubona mutsinda cyangwa mutsindwa, nimuhindure imyifatire yanyu uko bikwiye. Nimudaharanira byimazeyo gufatana urunana ngo bibe "umurimo" wanyu wa buri munsi umwanzi azabacamo icyuho turabarahiye.*

*Bahutu mwese nshuti dukunda; imipaka y'ibihugu, uturere, amashyaka, ntibigomba kuba impamvu idutanya. Ngo nitwumva ibibazo bene wacu bafite iyo hirya twishyirire amaboko mu "mpuzu". Nta bucuti, nta buvandimwe bwaba burimo. Rwose ntimukabe nka za nshuti ebyiri zagiye mu rugendo rurerure, mu nzira, imwe igatora uruboho rw'amafaranga. Mugenzi wayo akiyasira ati "dutoye amafaranga". Undi agahita asubiza ngo "dutoye" bivugitse nabi, ahubwo wagombye kuvuga ngo ntoye amafaranga. Ntibabitinzeho, bakomeza urugendo, bagera ahantu bagomba guca mu ishyamba kandi bugorobye. Barigezemo babona ibisambo. Uwatoraguye amafaranga agira ubwoba ati "abajura baraduteye". Mugenzi we amubwira bwangu ngo wigiye he kuvuga? Gira uti "abajura baranteye". Muri ako kanya ahita afumyamo, ibisambo bisigarana uwari ufite amafaranga. Nk'uko bitoroshye gutandukanya amarira y'ingona n'ibitonyanga by'uruzi yogamo ni nako bitoroshye kubona inyenzi inkotanyi yavuye ku izima.*

*Gisenyi-Info*

# BANYAKIGALI MUKOMEZE MUBE MASO. UMWANZI ARA CYATURIMO

Umwanzi aracyariho. Iri ni rimwe mu ijambo Perefe wa Perefegitura y'Umugi wa Kigali yatangije inama aherutse gutumiramo abaturage be bose kuri Stade ya Nyamirambo. Yongeye kutumenyesha ko u Rwanda rukiri mu ntambara ariko i Kigali bikaba bigaragara ko bamwe batabyumva. Mama se biterwa n'iki? Kigali ituwe n'abantu bava mu mpande zose z'u Rwanda ndetse no mu bihugu duhana imbibi n'abandi. Za Perefegitura imirwano yabereyemo kugeza ubu ni Byumba, Ruhengeri, Kibungo, Kigali na Gisenyi. Ni ukuvuga ko abenshi mu bava Kigali bambuka Nyabarongo kugeza ubu nta nkuru y'isasu bazi. Ariko amahano y'Inyenzi babuze abayabagezaho? Ariko kandi sibwo bwa mbere bumva ikintu cyitwa intambara kuko ibitero by'Inyenzi ari ntaho byasize muri Repubulika ya mbere, uhereye mu gihe cya Revolusiyo. Perefe yamenyesheje abanyakigali ko ubutegetsi bubabajwe n'abantu usanga iby'iyi ntambara bisa ari nkaho ntacyo bibabwiye. Si ukubakeka, byaragaragaye ko abo bantu bariho kandi witegereje wabasangamo ubugome. Ubugome bwo gutiza imirindi umwanzi. Abo ba rwubika ngohe aribo ba rwubura ngeso, nibo badasiba kugeza amakuru ku mwanzi. Mu gihe bashaka gukurura urugomo muri Kapitali amayeri bayacura kwinshi. Bamwe bati ubutegetsi buratubuza gutembera mu gihugu cyacu kubera ijonjora ririho mu gutanga za Laissez-passer. Aha Perefe yashubije yemera ko ijonjora ririho koko, kubera impamvu izwi. Hari agaco k'abakorera umwanzi, batangiye gushaka muri Kigali n'ahandi abasore n'inkumi bashukisha kuzageza ku bintu by'ibitangaza (byahe biragatabwa, uretse urupfu) bagamije kuzabaroha mu mirwano. Ibi birazwi kandi twizeye ko, mu gihe turimo twandika ibi, baba baratangiye gufatwa. Kuko inzira babanyuzagamo uko ari eshatu zari zizwi. Abasore n'abakobwa bagombaga kujya kwitoreza iyo mu mashyamba, bakabacengezamo propagande, bakabatoza gukoresha intwaro. Nyuma bazagaruke ari nyoninyinshi, bakomeze bibere muri Kigali nta nkuru, bategereje umunsi bazabona ikimenyetso bagakoma imbarutso, icyo umwanzi yifuje kugeraho kigakorwa, bakoreka Kigali. Ibi birazwi. Muri Kigali hari abantu ndetse n'ibinyamakuru byuzuyemo propagande mbi, isenya, nta muti na busa batanga ku bibazo bitwugarije, usanga umuntu yakwibaza icyo bagamije. Bakorera nde? ngo bagere kuki? Dufate urugero i Nyamirambo. Hari udutsiko, nkuko Perefe yongeye kubyibutsa ushaka kurema agatsiko abanza kubisabira uruhusa, utwo dutsiko tw'i Nyamirambo usangamo urugomo rudasanzwe. Ari muri za boutiques, munsi y'ibitanda muri za Bar hadutse umuco mubi wo gutanga inzoga bakurikije amoko n'amashyaka. Hari n'aho biyemeje gucuruza ubwoko ubu n'ubu bw'inzoga bakurikije ko abanywi babo bari mu ishyaka iri n'iri. Hari abatanga Karahanyuze (Primus) gusa kuko aricyo kinyobwa abashyigikiye MRND bahisemo, ngo abashyigikiye MDR ibakwiye ni Mützig. Aha ndibaza niba abashyigikiye andi mashyaka icyo kunywa basigaranye atari Guinness, urwagwa n'ikigage, icyayi, Fanta n'amazi gusa! Tutibagiwe ko aho i Nyamirambo kuva na kera hakiri ingeso yo gushyira inzoga muri Frigo ebyiri, imwe ifite byeri ikonje y'abakiriya n'indi irimo byeri zishyushye z'abatazwi. Izo nzego zombi zicange mu bibazo by'amoko n'amashyaka umbonere icyo bibyara! Murumva ko ibi byose biba bihishiriye iterabwoba no kwirengagiza kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Hari ukundi bitari ibyo kwica Demokarasi? Aha niho Perefe yaduciriye umugani ati: "Utuka umugore yabura uko akugira akakureka byarimba akakuruma". Nongereho nti cyane cyane iyo yemewe guharikwa! Muri iki gihe, hanze aha, urasanga abakozi bivanga mu bibazo by'amashyaka, amashyaka nayo yivanga mu bibazo by'abakozi. Bamwe barandika impapuro z'impimbano ndetse barandikira ku mugaragaro Perezida wa Repubulika inzandiko zimusaba kwisobanura. Ariko se ubwo babanza gushishoza, bazi neza ingaruka zabyo? Hari aho wakwihanukira uti ndabona Perezida ariwe ugambanira igihugu. Tumenye ko mu gihe turimo cy'intambara byaba bibaye umuteto ikinyoma gikomeje guhabwa intebe. Perefe yaboneyeho kutumenyesha ko ku byerekeye Politike, ari ba Perefe, Burugumesitiri, Conseiller, uwo murimo bawuhariye abandi (bashyizweho n'amashyaka), akazi kabo ni Administration. Ubwo ba nyiramashyaka aribo bashinzwe kuducengezamo Politike, nibahaguruke tubabone, tubamenye, tubegere, twungurane ibitekerezo byatugeza ku bikorwa byubaka u Rwanda. Ishyaka dushaka ni iryadukiza iyi ntambara, ni iryatubonera inzira twanyuramo ngo turwanye inzara, ni ishyaka ryakemura ikibazo cy'isaranganya ry'ubukungu.

*H.N.*
*C/o KANGURA*

**Burugumestiri wa Mutura tumusabye kutongera gutoteza abaturage ababeshyera ngo bafatanije na Ndabarinze Faustin kumuroga. Ese uburozi uriya musaza atacyuriwe ari umusore koko abwize ari umusaza. Ndabarinze twamenye ko bamubeshyera nibamureke kuko uriye umusaza aruka imvi.**

KA02 1401

# KAYIHURA NA HELENA BARARAHIYE. NGO INKOTANYI NTIZIZABURA MÜTZIG BAKIRIHO

KA021401

Kangura yavutse irwanya abifuza kugarura ingoma ya gihake mu Rwanda, ntabwo izemera na rimwe ko imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda isubizwa ku ngoyi. Abo bashaka kugarura ingoma ya gihake mu Rwanda benshi bahunze kugira ngo bafashe inkotanyi gutegura igitero.

Abahunze ariko basize ibyitso byinshi mu Rwanda bibagezaho amakuru yo mu Rwanda. None ibyo byitso byasigaye mu Rwanda birashaka gufasha izo nkotanyi guforoda ibicuruzwa byo mu Rwanda bikunzwe mu mahanga. Dore ubu umukobwa witwa UMUGWANEZA Helena ukora muri Entreprise ya Munyanshongore Charles ngo afatanyije n'inshuti za Kayihura Alfred aramufasha guforoda mütsig bakazivana mu Rwanda bazijyana mu Buganda bazinyujije muri Tanzaniya kuko Kayihura yibera muri ibyo bihugu uko ari bitatu ngo nibyo yirirwa azereramo ashaka ibicuruzwa bikunzwe n'abaturage. Kandi rero mützig ngo mu Buganda no muri Tanzaniya zirakunzwe cyane.

None ubu Caritasi umugore wa Kayihura wari ugituye i Kibungo hafi Long point arashaka kuza gutura hano mu mugi wa Kigali. Aho azatura hose hano mu mugi wa Kigali muzamubaze umurimo aje gukora. Nyabuna abashinzwe umutekano muzashishoze cyane nimusanga azanwe no gukusanya amakuru y'ibyitso byo mu Rwanda kugirango nawe azabone uko ayohereza inyenzi-inkotanyi muzamwamaganire kure cyane. Kandi ngo uriya Caritasi ngo azajya ageza ku batutsi bo mu migi ukuntu bakora kugira ngo batatanye abahutu. Abatutsi baba mu mahanga ubanza batazi ko ibuye ryagaragaye kera!

Kubona basaza ba Umugwaneza Helena baba muri Amerika bacyohereza amadorari yo gufasha KAYIHURA gukotana hamwe n'izindi nkotanyi babana. Abategetsi n'abandi banyamafaranga Helena Umugwaneza aha amadorari ngo bayashyikirize Kayihura n'izindi nkotanyi nabo bakwiriye kwitonda. Kuko nibakomeza gusonga abanyarwanda kuriya, bakura amafaranga mu Rwanda bakayashyira inkotanyi zica abanyarwanda, bamenye ko imiryango ya gereza igifunguye.

Ikibabaje cyane ni uko bariya basaza ba Helena bamwohereza amafaranga, bamusaba kuzakotana cyane kugirango azakuremo kiriya kinyeteri Caritasi kitakoze iyo bwabaga ngo gifatanye n'umugabo wa Kayihura gutera ubwoba abahutu. None ubu Helena aririrwa akwiza ibihuha mu mugi ngo Kayihura arakomeye, ngo ubu afite amaduka iyo hanze, Tanzaniya ndetse no mu Buganda ndetse ngo mu minsi mike azaza no kuvugurura iduka rye riri i Kibungo aryimurire i Kigali. Azaze ubukotanyi abusize imahanga, kuko n'abafite imbunda bananiwe.

*RUBERA Papias*

# ABAHUTU IMANA YARATURINZE, NATWE NITWIYIBUKE

Mu gihe tukiri muri iyi ntambara twakururiwe n'inyenzi ziyuburuye zikiyita inkotanyi, tukaba kandi twaratangiye politiki y'amashyaka menshi, abahutu twese twari dukwiriye gusubiza amaso inyuma tukareba aho Imana yagiye idukura. Ikibabaje rero ni uko bene GAHUTU binegura byabakomeranye. Gukunda ibintu biradutanya tukibagirwa ko mwene NDAHIRO atajya ahuga iyo azirikanye ingoma ye twanze uruhenu. Abahutu ntiduteze na rimwe gusubira mu icuraburindi rya mbere ya 1959. Turacyakomeye ku byiza twazaniwe na Révolution yacu aribyo Demokarasi na Repubulika, inyenzi zitigeze zihanganira. Dore kuva twasezerera ingoma ya cyami bikatugeza ku bwigenge ku wa 1 Nyakanga 1962 Abatutsi bari bagitsimbaraye ku butegetsi bw'ubuhake n'irondakoko bw'abakurambere babo, ntibabyihanganiye. Nibwo bibumbiye mu mutwe w'abagiranabi, urangwa n'ubugome bukabije (atrocités) maze bima GAHUTU agahenge kugeza ubwo Général Major HABYARIMANA Juvénal afashe ubutegetsi akatwunga nabo bikanga.

**Twanyuzwe manuma**

Twamaze kubona Repubulika ya kabiri tumaze "GUKURWA MU RWOBO" twibagirwa uwatwirukanaga. Nibwo mu w'1975 twibumbiye hamwe nawe mu bwato none bugeze mu nyanja rwagati ifite umuhengeri (ubukungu bwifashe nabi) none twari tworamye. Abahutu tuzajye dutegereza intambara y'inyenzi kugira ngo twunge ubumwe nk'uburanga bene NDAHIRO?

Byaragaragaye ko aho inyenzi zitereye u Rwanda abahutu bahise bisuganya bishyira hamwe; nibakomeze rero. Abahutu twizeye amahoro twiringira ubumwe kugeza ubwo ejo bundi kuwa 1 Ukwakira 1990, inyenzi ziyise inkotanyi zashyize mu bikorwa pula yazo ngome yo gukoroniza akarere kacu. Cyakora rero Imana yakomeje kurinda abana b'abantu (descendence bantous). Bana ba GAHUTU muramenye, imitego n'ubugome bw'umwanzi-inyenzi ntarabumara inyuma.

**Dutegewe mu mashyaka menshi**

Kutwinjiramo bigira nyoni nyinshi nabyo basigaye babitinya kuko ikimwaro cyabakoze kuva babona ko u Rwanda rutera ntiruterwe, cyane cyane umunsi inkuru y'urupfu rwa RWIGEMA ibaciye umugongo urwa BISENGIMANA rwo rwarabahuhuye. Ngo imfura ishinjagira ishira. Abahutu turabe maso. Abo bagira nabi badutegeye mu

KA02 1402 KA021402



mashyaka menshi. Turajya mu mashyaka buri munsi, ngayo MDR, PSD, MRND ivuguruye, PDC. Ntibizatubere umwanya wo gutatanya imbaraga zacu kuko abanzi bacu batigeze bemera kugendera muri Repuburika na Demokarasi, batazisuganya bakadusubiza mu buja, muratinye ubukonje n'ubwifate bwagaragaje abatutsi bo muri iki gihugu mu kugaragaza ibitekerezo byabo ku byerekeye amashyaka bazajyamo.

Bana b'Imana tumaze imyaka 31 yose turinzwe n'iyaruhanze none mwiyuburure mwiyake iyo ndwara (muraramo) mwibuke ko Imana ifasha uwifashije. Naho ubundi uretse uburyarya n'ubugome bagira nta na rimwe abatutsi bigeze baturusha ubwenge nk'uko bakunze kubyiratana; iyo babugira ntibaba barikoze mu nda bashyira umutware wabo mu ngamba y'imbere, bakamutanga, akarusoma.

*Umusomyi wa KANGURA*

# AIR RWANDA AKARIMA KA KARANGWA

Gucunga umutungo wa Leta, umutungo wa Rubanda, hari abo byorohera nyamara birakomeye. Gukora nk'uwikorera ntibyoroshye. Gushora imari mu bitari ibyawe ni ikibazo. Gushimisha bose mu bitari ibyawe ni akabazo. Gufata intebe y'ubutegetsi ukaremya si ibya bose. Gushimwa na bose ni ahi Imana. Nta munoza. Ariko? Kuki ariko na ntamunoza muri Air-Rwanda? Iyo sosiyete ya Leta irazwi, ari mu Rwanda, ari no mu mahanga ariko abayikoramo uko bayibona biteye ukundi.

Karangwa hari abamwanditseho iby'ubukotanyi twe tudashaka gutindaho kuko ushatse kubimenya yabibaza ibizungerezi yimakaje. Wabibaza ikizungerezi cy'inzobe yaka, gishyigikiwe, Madame Uwineza Mariya, wafashwe mu Byitso, akaba ngo adahakana na busa ko yabaye inshoreke ya Rwigema. Yivugira ko babanye nk'izindi ndaya. Ubu akora mu bucuruzi bw'amatike ya Air-Rwanda, niwe wazanye wa mukecuru w'ikizungerezi Kayirebwa Cécile ngo bafatanye gutata no kujijisha abategetsi mu Rwanda. Muri Air-Rwanda uyu ni umutoni. Nta nama n'imwe y'Inkotanyi ibera kuri iyi si atayituye raporo. Dore ko azijyamo yitwaje ko agiye mu biruhuko kandi na tike imujyanye ari iy'ubuntu.

Muri Air-Rwanda hari ibizungerezi. Mutumwinka Mariyamu ahakora iki, ko bizwi ko yafatanyije na murumuna we mu gushakira inkotanyi imfashanyo. Mbese ko umwe yafashwe agafungwa, yarekuwe ate? Igisubizo cyatangwa n'umugabo wabo Kanamugire Aloys, Umuyobozi wa Air-Rwanda, Sosiyete yayigize nk'iye afatanyije n'abantu be barimo ab'ingenzi Semana François na Karamukarinijabo Ange. Abo uko ari babiri bafitanye amabanga ahambaye, Semana wenyine yamuhaye misiyo mu mahanga yo kujya yirirwa hejuru y'abakanishi ba ya Boing 707 yacu, twita Basumbagutira, amezi atandatu yose. Mbega amafaranga y'akayabo yagendeye bwerere! Ese niwe mukanishi w'indege wenyine Air-Rwanda igira?

Nubaza abakozi ba Air-Rwanda ingendo za Boing 707 y'u Rwanda, bose bazagusubiza bati ibyo wabibaza Semana cyangwa Ange bo baba mu mabanga y'izo ngendo. None se ko bumva ngo yajyanye gasegereti cyangwa se imihati ahitwa Ostende mu Bubiligi, ikagaruka nyuma y'ibyumweru ngo yarakandagiye no muri za Amerika, uretse bo n'umutware wabo, ninde wamenya iyo yaba yaragiye. Ba mekanisiye bagenda mu ndege, Air-Rwanda ifite abanyarwanda bake. Iriya ndege ko imaze imyaka cumi n'ibiri, izatwarwa n'abanyarwanda gusa ryari kandi ko dufite abapilote b'abanyarwanda bakwihugura mu gihe gito bakayitwara.

Diregiteri Jenerali Karangwa agihabwa intebe yo gucunga ibya Air-Rwanda yahise afata imigambi yo gusubiza abo yise aba Rukira (Air-Rwaza) ku kabo, abitwa ngo ni abakiga abahindamo, abo atirukanye abaha za mutations zitumvikana. Agiye gukoma mu nkokora abanyagisenyi arababwa. Ese yasobanura ate ibiri mu ibarwa yandikiye Perezidansi ya Repubulika mu kwezi ku Ukwakira 1990, aho yabamenyeshaga ko we yasanze Air-Rwanda yarazambye kandi abanyaruhengeri yahasanze bo batishimiye ko ayivugurura. Liste yabo irazwi ndetse umwe muribo, Ngirumpatse Noheli yirukanwe by'amaherere kandi yari n'umukuru wa CESTRAR muri icyo kigo. Ubona kuzira ko wavuze ngo abapilote batumye indege itoboka amapine 5 ari ukubera ubuswa! Mu bantu yamenyesheje ubutegetsi ko atabumva harimo Butera Aloyiziya, Ahobangeze Gatarina, Uwizeye Sikora, Dativa, Munyampundu Pierre, Bushunguru Venant, Ntamagezo Felisiyani na Ngirumpatse Noël. Ese iryo vugururwa yazanye muri Air-Rwanda rigeze he ko ari ntaryo rubanda babona (Quelles améliorations notoires enregistrées par Air-Rwanda depuis l'arrivée de Karangwa). Abakozi ba Air-Rwanda twaganiriye bose bemeza ko ari nta mikorere mishya bazi.

Karangwa ni umugabo uzi ubwenge no kumviriza ku buryo yategereje ukwezi kwa gatanu k'uyu mwaka ngo atange cote ku bakozi. Nta bashimwe uretse abantu be na Munyampundu Pierre warongoye mu Bushiru na Buregeya Claudine umukobwa wa Koroneli. N'uwitwa Bushunguru, abakozi bose biranze-

KA02 1403

KA021403

ho ku murava nta très bon yahawe. None si umurera ?

Ibyo byose abiterwa n'abajyanama be barimo ushinzwe abakozi (Chef du Personnel) Harelimana Pancras n'ushinzwe asuransi Munyazikwiye Michel. Abo bagabo bombi bazobereye mu by'amategeko (Juristes). Igitangaje ni uko uyu Munyazikwiye adashobora kuburanira Air-Rwanda kubera imiziro afite, haburana Harelimana Pancras ufite ubugenge bwo gutsindisha Sosiyete imuhemba kuri buri rubanza. Abo bagabo nibo bemewe, bafite amanota ahambaye, bo ni ba ELITE.

Karangwa rero ajya kwijundika abitwa ngo ni aba Air-Rwaza yabahereye mu mizi. Hagenda igiseke cya Air-Rwanda Aloyiziya Madame Butera, amukura mu biro bye, amujugunya mu bucuruzi bw'amatike ngo najye kwandikisha imashini, ataranabyigiye. Aloyiziya yasimbuwe n'umuntu uhembwa ku buryo butumvikana (Barème). Muri iryo hindagura nibwo Ahobantegeye Gatarina yagabanye kwirirwa atera amakashi ku mpapuro z'imizigo ku kibuga. Nyirasafari Justine nawe yajugunwe muri service commercial, uwitwa Nyirabarigenga Trifina we yagabanye kwotera izuba i Kanombe.

Mu minsi ishize Umuyobozi wa Air-Rwanda yamanantuye Madame Komanda Twambaze, amuroha ku kibuga, nyuma y'igihe kirekire yari amaze mu biro nta kazi. Ndagijimana Claude wari ushinzwe contrôle de gestion (gucunga umutungo) muzamubaze ko atanze agasuzuguro agasezera ! Mu buyobozi bushya bwa Air-Rwanda hasigayemo abo yabuze uko yagira kubera ubuhanga bwabo (technicité) kuko byazamba abahinduye.

Kugira ngo ibye bitungane ntawe urabutswe, yiyambaza bene wabo niyo baba barirukanwe. None wasobanura ute ukuntu yagaruye Kanamugire Robert akamushinga imari yose (facturation) yo ku kibuga kandi mbere yari yarirukanwe kubera ko basanze ari imburamukoro. Ko Karangwa yiyegereje Nzeyimana Ambroise akamurekera ku kigega cya Air-Rwanda, aha yasobanura impamvu shefu Admifin yasezeye? Ko uwo mwanya yawuhamitse Nzeyimana by'agateganyo, nibawumwemerera burundu bizaba bishyira he ?

N'abakozi baho baribaza bati Kompanyi yacu hari icyo imariye iki gihugu. Kubona dufite Kompanyi y'indege byo ni byiza kandi ibyo byonyine ababyize bemeza ko byatugirira akamaro niyo yaba ihomba. Uburiye mu bucuruzi wenda yakandira kuri publicité, u Rwanda rukarushaho kumenyekana ku isi.

Ku byerekeye indege, Air-Rwanda igendera ku ndege eshatu. Bafite Boing 707 imwe n'utundi turinganiye tubiri, tugendamo abantu 20 kamwe. Aka gatatu baherutse kugahondera i Butare kazira ubuswa bw'umupilote. Miliyoni 12 SONARWA igiye kuyishyura zizaba zigendeye iki ?

Boing 707 y'u Rwanda, Karangwa yayishinze imirimo azi we ku bugenge bwe. Iyo iyo ndege ayoherereje mu bye bwite, ayishyiraho abantu be yaguze barimo Semana na Ange, yizera ko batazavuga ibyo bagiyemo. Muri misiyo nkizo, abitwa ba Ntamagezo Felisiyani uzwiho kuba umuhanga wa mbere mu banyarwanda baba ino batwara iyo ndege, bakanayikanisha ., abitwa ba Kayigamba Alexis na Nizeyimana Célestin bazobereye mu bukanishi bw'indege, ntibayinukaho.

Abashinzwe iby'ubucuruzi bararahira ngo ako kazi ntibareka bagakora nkuko byagombye. Ngo babahisha abakiriya bayikodesheje na contrats yasinyanye nabo. Iyo babimubajije, abasubiza ko bitabareba. Bigeze no gukora inama, bageze kuri icyo kibazo cya contrats batamenya ibyazo, uwitwa Kagabo (Chef de Service Commercial) basigaye basangiye amabanga, abasubiza ko hari ibyo batagomba kumenya. Iriya ndege bagiye kuzayituvutsa bayikoresha za gisida, umupilote yigaramiye. Agisida yatwaye amafaranga y'akayabo ni iyakorewe Ostende itobotse amapine atanu, irongera igeze i Kanombe hatoboka amapine abiri za janti zirashwanyagurika. Pilote na nubu aracyayitwara.

Karangwa rero ntakunda ko Boing yacu yagira contrat y'igihe kirekire ngo ikodeshwe harimo akayabo kuko byamwicira programu no kugira icyo yaryaho. Yigeze guha abapilote b'Inkotanyi akazi, birasakuza, arabasezerera ntiyabasimbuza abandi ku buryo buzwi na Komanda Musabyimana Eugène wamaze amezi agera kuri arindwi atwara indege ebyiri wenyine. Air-Rwanda akazi ko gukorana n'andi masosiyete y'indege byarayinaniye. Kompanyi zimaze kuyisezerera zivumbuye kubera imikorere mibi ni nka Cameroun Air Ways, Aeroflot, Sabena n'abandi ubu babijunditse.

Umuyobozi wa Air-Rwanda wamwita Bendantunguka. None se ko yangira n'abakozi be kwiyungura mu bumenyi. Yanze kohereza Munyampundu Pierre kwihugura mu Bufransa, abyangira Pilote Niyonzima François, n'abandi... Nka Nizeyimana Célestin na Kayigamba bazaba ba Mécanicien-navigant ryari ?

Muri Kameruni basabye ko babohererereza abanyarwanda barimo Miruho Jean na Bwimana Eugène ngo bajyeyo babahugure, nta faranga u Rwanda rutanze, bazanakorane hano iwacu, Karangwa ati ngari. Umuyobozi mukuru wa Air-Rwanda muzamutubarize impamvu akoresha abakozi be inama imwe mu mwaka. Nayo akayikora ariyo kwemeza ko amafaranga ya Sosiyete ye yamazwe

KA02 1404

KA021404



n'ubutegetsi bw'abakiga, uwa nyuma ngo ni Rukira. Aha akirengagiza ko abo bose avuga, amafaranga abashinja ari inguzanyo bahawe kandi bishyura. Akirengagiza ko abo yazanye yahise abarundaho inoti bataramara n'amezi abiri ku kazi. Twahera ku munyamabanga we Mukankwaya Théodosie wagurijwe kabiri ataramara n'umwaka. Nzeyimana Ambroise agurijwe kabiri, yanabonye n'agahimbaza musyi (prime) na maneko we mukuru Munyazikwiye Michel. Ayo mafaranga ntaho agaragara (ni Caisse noire) kuko inama y'ubutegetsi (Conseil d'Administration) ntacyo ibiziho.

Muri Air Rwanda wazira kuba ubaririwa mu bakiga naho abo yazanye bose ushatse ifaranga rimugeraho cyane cyane iyo wihatiye kumunekera, uretse ko hari umwe wahisemo gusezera ngo ntashoboye gukora akazi ko kuneka bene wabo.

Uzegere Musabimana Simon Pierre nabishaka azakugeza ku mateka ya Karangwa na Air-Rwanda ye.

*H.N.*
*C/o Kangura*

# BAMWE MU BAYOBOZI BA M.D.R BASHOBORA GUTUMA ITAKAZA ABAYOBOKE

Mu Rwanda niho honyine muri Afurika amashyaka menshi yatangiye gukora nta maraso amenetse. Nguko rero u Rwanda aricyo gihugu cyatangwagaho urugero ngo abategetsi barwo nibo ba mbere mu gucunga neza ibya rubanda na n'ubu amahanga ararutangaho urugero cyatangiye gucengeza neza demokarasi mu baturage. Habyarimana rero akwiye gukomeza gushyigikirwa dore ko n'iyi ntambara twakuruweho n'inyenzi-nkotanyi ariwe uzayitsinda afatanije n'ingabo abereye umugaba mukuru afatanije n'abanyarwanda bose uretse ko hari amashyaka ashaka kumuvangira atiza umwanzi umurindi.

Ubu mu Rwanda amashyaka yemewe n'amategeko ni atanu: MRND, MDR, PSD, PDC na PL. Ku cyumweru le 11 Kanama 1991, MDR yabaye intanga ruhira itangirira mu mugi wa Kigali ishaka abayoboke. Icyambabaje ariko muri uko gushaka abayoboke n'uko abaparimehutu ba MDR biriwe basebya MRND ngo ntacyo yakoze. Aha rero turasaba abayobozi b'amashyaka avuka kutazabeshya abaturage ngo MRND ntacyo yakoze kandi ibikorwa byayo babyibonera. Banyarwanda mwese muzayoboke umuntu uzabereka ko azarusha MRND mu kuzamura abaturage.

Mu bantu banze kuvuga amatwara ya MDR mu kuzamura abaturage, ahubwo agasebya MRND n'abayobozi bayo uwa mbere ni TWAGIRAMUNGU Faustin. Uriya TWAGIRAMUNGU Faustin uyobora Komisiyo ya Relations Extérieures muri MDR (umubano wa MDR n'abandi bantu batayirimo). Uriya Faustin rero, twari tuzi ko aratubwira umubano MDR ifitanye na Leta y'u Rwanda n'andi mashyaka yemewe n'amategeko y'u Rwanda, akatubwira ukuntu MDR ibana n'andi mashyaka yo mu mahanga. Ndetse akatubwira n'ukuntu MDR ibana n'ubutegetsi bwa Leta zo mu mahanga. Uriya Faustin kubera ko muri Komisiyo ye ari ntacyo yakoze. Ambabarire nako ndabona abanye neza n'ibyitso by'inkotanyi byandika muri Rwanda Rushya! Abakomeye muri MDR icyakora muzatubarize niba iriya mishyikirano ya Faustin na Rwanda Rushya yaba KAMEYA na KAMURASE bashyigikiye inyenzi nkotanyi niba itazakururira MDR ibara?

TWAGIRAMUNGU F. aho kutubwira ibyo ashinzwe rero muri MDR yasebeje MRND n'abayobozi bayo. Ngo MRND ntacyo yakoze, nyamara icyo gihe yatetekaringa muri Sitade yubatswe na MRND, naho ka Sitade Sebukwe yasize yubatse yagateye umugongo. Niko TWAGIRAMU, uretse kuba Ntamunoza mwene Ntibanyurwa, koko abayobozi ba MRND ntacyo bakoze??? Ibyo uzabivugire ahandi hatari mu Rwanda, kuko hano mu Rwanda udashobora kugenda nibura metero eshanu utari wabona igikorwa kizamura abaturage MRND yabazaniye. Harya ngo iyi ntambara irwanwa mw'ibanga? Uko izarwanwa kose icyo tuzi ni uko nudakomeza gushyiriramo Ingabo z'u Rwanda n'abanyarwanda bose umusenyi, tuzayitsinda. Ese TWAGIRAMUNGU we, uwakubaza ibigwi byawe mu kwifatanya n'abanyarwanda kurwanya inyenzi-nkotanyi, aho ntiwabibura, ndetse yagusesengurira hafi agasanga ufatanije nazo mu kujujubya abanyarwanda?

Harya ngo urashaka Rukokoma?? Niko Ntamunoza we, harya ko mu bindi bihugu bya Afurika baka rukokoma kubera ko abategetsi banze kwemera andi mashyaka, iriya rukokoma ushaka n'iyiki?

Rahira ko utifuza ko iriya rukokoma mu Rwanda yadindiza amashyaka menshi amaze kwemerwa ari nako isubiza inyuma ubukungu bwacu bwisanganiwe ibindi bibazo by'ingorabahizi. Harya mu bindi bihugu byemeye rukokoma aho yagiriye rubanda nyamwinshi akamaro ni he???

Ese wavuze ibibazo byose rukokoma yagombaga kwiga, maze ukareba niba bidashobora kubonerwa umuti? Njyewe rero uko mbibona, ziriya za rukokoma n'amashyaka mashya yazihimbiye kugira ngo abone uko asebya ishyaka risanzwe ku butegetsi. TWAGIRAMUNGU rero namenye ko igihe cyo gusebanya twakirenze.

Banyarwanda, banyarwandakazi rero nimushishoze cyane, mbere yo kujya mw'ishyaka iri n'iri murebe amatwara yaryo, icyakora ishyaka rizavuga ko MRND ari ntacyo yakoze muzaritere umugongo. Muzemere irizabereka ko rifite umugambi wo gukosora no kuzuza imishinga MRND yari yaratangiye. Ba TWAGIRAMUNGU rero nibareke kuyobya abaturage.

*Kangura*

KA02 1405

# KAMEYA NI WE UBWE WITUNGA URUTOKI

Kirya abandi bajya kukirya kikishaririza. Hirya no hino, mu byumba by'ibiganiriro, mu tubare, mu binyamakuru bitari bike haravugwa NGEZE na KANGURA. Abo bose baravuga ariko ntibanyomoze. Bamwe barashyigikiye abandi bararwanya. Hari ariko abagomba kumenya neza ko cya gihe cyo muri 57, 58, 59 twakirenze. Ni muri icyo gihe havugwaga ngo abahutu batinya intambara y'amagambo kurusha uko batinya iy'amacumu n'imyambi. Ibintu byarahindutse ku buryo iyo bakekaga kuba inja mu ntambara y'amagambo ubu isigaye ari ingore. Basomyi b'ibinyamakuru binyuranye byandikirwa mu Rwanda, tubararitse kuzasoma inyandiko nyinshi zizasohoka zivuga ibihe KANGURA igezemo. Muzasome mufite ubushake bwo gusesengura ukuntu ibyo binyamakuru bibona ibyo bihe, nyuma muzabona ibice bibiri : ibinyamakuru biri k'uruhande rw'umwanzi n'ibindi bishakashaka uburyo twamutsinda burundu kuko yaje asagariye amahoro y'abaturarwanda.

**Harya ngo muzavuge mwenyine abandi baceceke**

Abavuga ko KANGURA yiyemeje guteranya abantu ishingiye ku moko cyangwa uturere, ko isebanya... sibyo. Barashuka rubanda. Iki kinyamakuru cyiyemeje kwifatanya n'abashaka kurwanya umwanzi wateye u Rwanda aturutse hanze. Nibwo gitangiye gutahura amayeri menshi umwanzi n'ibyitso bye bafite, kiyashyira ahagaragara. Biragaragara rero ko intego ya KANGURA igenda igerwaho ku buryo bushimishije. None se ntibavuga ibigoramye imihoro ikarakara !

Umwanzi yatsinzwe k'urugamba rw'amasasu ntiyashirwa, yiroha mu itangazamakuru naho arahatikurirwa ariko ntiyumva. Niyo mpamvu aho kwemera ko yatsinzwe ngo ahagarike intambara, nta kindi asigaye akora uretse kwamagana intwaro zamutsinze. None se azisingize? Nyamara agahindukira ati "rubanda rw'umwami ndarengana, ni urubwa mba mbaroga" !

Ibyo binyamakuru bita ivata ryo kuneshwa, nibyerekane uruhare byagize muri iyi ntambara. Ko nta na rimwe byabwiye bene wabyo kureka guhohotera u Rwanda, ngo bibasabe korohera




rubanda ituye ku mipaka y'ahabera imirwano, ahubwo bikaba bigerageza gushukana ngo biravugira ibyiza by'igihugu n'abagituye. Birabeshya nde ko batagitinya intambara y'amagambo?

Igihe kirageze kugira ngo umwanzi agaragaze ukuntu amaze kuremba ; gutsinda bisigaye ari inzozi kuri we, none aratinya ko inkurikizi zazamubera mbi. Ibyo bikamutera, mu binyamakuru akoresha, gushaka kuvuga wenyine. Nimuhumure nimwiyemeza gutuza, tuzaturana, ariko tuziranye. Nimureke gushitura abadafite umutima mubi, umutima ugira inzika.

**Va ku giti dore umuntu kubika si uguhemuka**

Muri RWANDA RUSHYA n° 9 KAMEYA yariyasiye ati "NGEZE akomeze kwica tumusekera?". Mu bitekerezo byanyu, iyo muvuga cyangwa mwandika ngo KANGURA irica muhereye ku mva zose zasohotse ku mpapuro zibanza, na byo kuri nomero zimwe na zimwe, mutangaza benshi. Ntihabura n'abakeka ko muba mushaka kuvuga ngo ni ikinyamakuru cyaba gikorana n'ubutegetsi mwemeza, mushinja ubwicanyi. KANGURA irigenga rwose kandi ubwo butegetsi bwicana ntibuzwi mu Rwanda rwa none.

Duhere ku mva ziboneka kuri n° 4. Haravugwa urupfu rwa RWIGEMA, BAYINGANA na BUNYENYEZI. Niko KAMEYA we ! Abo bantu uko ari batatu ni NGEZE wabishe? Ntabwo wemera ko abo bantu ushyigikiye ari bo bakoze ingabo z'u Rwanda mu jisho? Icyo bahembwe se aka kanya uracyibagiwe? Wifuzaga se ko basesekara i Kigali barasa abatitabara? Nyamara abo bose bapfuye NGEZE ari muri "1930" azira kuba yaratahuye imigambi yanyu. Ubwo rero ibyo uvuga ni ibitabapfu. Ibumoso, ku bifubiko bya KANGURA nimero 16 na 17 hari imva ya KANGURA n° 15 n'iya Koloneli Mayuya. Aha si ngombwa ibisobanuro ahubwo turebe imva ziri kuri n° 18. Hari imva ya RWIGEMA n'indi itegereje KAGAME. Birashaka kuvuga ko niba inyenzi zidahagaritse imirwano hakiri kare ntizizatinda gushirira ku rusasu. Mu yindi mvugo, ni inama igirwa abateye u Rwanda. Imva iri kuri n° 19 ifite ifoto. Abo bantu bariho se na bo bishwe n'Umuyobozi wa KANGURA? Oya, kuko icyo gihe bapfa yari atarafungurwa. Si bwo mugiye kumuhora kuvuga ngo nyir'urugo yapfuye ! Mugere n'aho kumuhora ko yababikiye BISENGIMANA ! Mbega abantu gito !

KA02 1406

KA021406



Biragaragara, KAMEYA ntaho adukinze. Asigaje kwamagana ingabo z'u Rwanda zishe RWIGEMA, BAYINGAMA, BUNYENYEZI n'izindi nyenzi zingana uburo buhuye. RWANDA RUSHYA n'ibindi binyamakuru biri k'uruhande rw'umwanzi, nimubwire bene wanyu mubasaba kurambika intwaro hasi kugira ngo hazatahuke benshi. Nimureke gusinzira mu gihe izo nkunzi z'amaraso ziyamena noneho mu kurota. Kameya, akandika kuri Ngeze ati "amaraso yamenetse kubera wowe n'abagushyigikiye". Urashuka nde?
Ibyo binyoma bigeze kuri bene wanyu b'inyenzi aho bari hose n'aho abandi barakumenye. Ko mugamije bene gahutu mu karere kabarirwamo u Rwanda aho ntimwimirije imbere cya kiyobyabwenge kibarotesha nabi ari cyo T.I.P (Tutsi International Power) ari byo kuvuga Gashaka buhake mpuzamahanga ntutsi, none mukaba mudusaba kubasekera? Sigaho ntituri ibisekeramwanzi: tuzabashyira ahagaragara mwumirwe. Dore ubu ni cyo kimwaro kibajujubya. Imigambi mwari mumaranye imyaka mirongo yarabapfubanye. Nimuhumure nta bugome tubafitiye. Iyo tuza kubugira ntimwari gufata mu ntoki zanyu hejuru ya 80% y'ubukungu bw'u Rwanda. Ntabwo mwari kubasha gushukashuka igihugu ngo Kajeguhakwa wenyine gusa, tutiriwe tuvuga Majyambere n'abandi, ngo V.K wenyine atorokane umwenda wa finansi uhwanye na miliyoni 174. Ayo mafaranga avuyemo Kalachinikov zingahe? Nimurekere aho imiborogo. Nimwe mugomba kubonera umuti ibibazo byanyu aho kumwarira kuri NGEZE ngo ni we ubamereye nabi. Rubanda nyamwinshi ifatanyije n'Intiganda zayo baberetse ko mutazi kubara! Kandi mugomba kuba mutangiye kubyiyumvisha kubera igishyika musigaye muterwa n'igitekerezo cy'uko imbaga nyamwinshi isigaje kongera ku bagaragurira mu matora ashingiye kuri demokarasi mu mashyaka menshi. Mwihukwa, nimubwire bene wanyu bari mu Rugano rwa Uganda baze maze turebe ko rya perereza ryakozwe mu nzozi za KAMURASE Maritini zizatuma RWIGEMA azuka agahatanira umwanya wo kuyobora iki gihugu! (Reba RWANDA RUSHYA, n° 9, urupapuro rwa 7 n'urwa 8). Kereka niba ari rwa RWANDA rwanyu rushya. Murarushywa n'ubusa tuzagereka kugera ku nyenzi ya nyuma, mu gihe cyose izaba itaremera ko yatsinzwe.

Umunyarwanda muzima, yaba umututsi, umutwa cyangwa umuhutu ntacyo agomba kwikanga muri uru Rwanda. Abanyabwoba baziko ahanini ikibubatera ari uruhare bagize muri iyi ntambara cyangwa isano baba bafitanye n'umwanzi waruteye.

Ntawabura kubaza MUTANGANA Karoli icyo we atekereza kuri revolisiyo yo mu 1959 kuko abivuga ahushura, agasimbukira ku ntambara yo mu Ukwakira ariko ntagaragaze uruhare agatsiko ke kagira mu kuyirangiza. Arashingira k'umutego watahuwe kera n'amahanga ngo mu nyenzi harimo abahutu bakomeye (le F.P.R renferme des éléments Hutu, et non des moindres. RWANDA RUSHYA n° 9 page 11). Ijambo «renferme» narisimbuje «enferme» kuko mu by'ukuri abo bahutu avuga ni imfungwa inyenzi zagize ibikoresho zikoresheje amayeri anyuranye. Bazabaze Barahinyura wabashije kwibohora akazitamaza. Reka na Kanyarengwe azazibe umugono noneho tuzarebe uwo zizongera kubeshya. Agaciro zimuha ntikagaragazwa na rya perereza-nzozi rya KAMURASE Maritini aho amushyira inyuma y'abandi bose kandi yitwa ko ari we Perezida wa FPR? Naho ubundi iyo KAMEYA avuga abazanye n'abapadiri baturutse i Buganda, agasukiranya abaturutse i Rucuru n'i Burundi, ubyumvise akeka ko ari ya "nama" Maître Pataulin" yagiriye umukiriya we wari wibye intama (voir la littérature française du Moyen Age).

*BARANYERETSE Moustafa*

# UBUMWE BW'ABANYARWANDA CYANE CYANE UBUMWE BW'ABAHUTU N'ABATUTSI

Igihe ari nta bumwe, nta kumvikana, nta kubana, nta na rimwe igihugu, akarere aka n'aka bishobora gutera imbere; muri iki gihe cy'intambara twaroshywemo n'inyenzi-nkotanyi ziba mu Buganda, inkovu nyinshi zaratonetswe, ariko nanone ikibabaje nuko nahatarigeze inkovu hashatse gucika ibisebe. Aho inkubiri y'amashyaka menshi iziye, abo nakwita abanyamutima n'abanyabwenge bike bati turagaragaye; ngayo amacakubiri, ngiyo imihari, ngaho gusebanya,... ukibaza aho abo bantu babaga icyo babura bikakuyobera.

Sinshaka kuvuga ko amashyaka menshi ari mabi, oya niyo agezweho. Ariko se dushishoje neza kuvuga ngo amashyaka menshi agiyeho, ni ukuvuga ko abanyarwanda bajahajwe n'inzara bagiye kuyikira, amashyaka se azashyira kaburimbo mu mihanda yose y'u Rwanda, azaha se abana bose amashuri maze n'abashomeri bose ayo mashyaka abahe akazi, azubakira se buri muturage inzu y'ibati,... sinzi niba ayo mashyaka ariyo agiye kuzazanira abanyarwanda paradizo bari barabuze. Dushishoze neza nanone turebe ibitangaza amashyaka menshi azatuzanira ariko nanone tuzirikana ko ibinaniye abashyize hamwe bitashoborwa n'abatavuga rumwe. Buri wese ashyize mu gaciro kandi azirikana urwamubyaye, yasanga ishyaka ritimiriza imbere ubumwe bw'abanyarwanda ariryo gusubiza inyuma u Rwanda rwacu ibyo rero ntaho bitaniye n'ibyifuzo by'inkotanyi.

Sinazinduwe rero no kwamamaza ibyiza bya MRND ariko iyo mpimye ku munzani ibyiza n'amakosa, nsanga ibyiza MRND yagejeje ku banyarwanda ari byinshi kurusha amakosa yakoze kandi nayo agenda akosorwa igihe cyose Umubyeyi-Fondateur wa MRND afashijwe n'abinyangamugayo mu bafasha be. Igitangaje rero nuko abo barohaga MRND mu makosa kubera inda zabo zarenze umutima bafitiye igihugu iyo bavumbuwe ariko

KA02 1407

KA021407



batera hejuru ngo MRND yakoze amakosa ugasanga barahubukira gushinga amashyaka ya Politike, ibyo bakora byose bibuke ko umunyarwanda w'iki gihe kuva kuwo hejuru kugeza kuri wawundi w'iyo muri Serire MRND yaramujijuye ntawe ugikurikira butama.

Nkivuga ku bumwe mperutse gushimishwa n'umunyamakuru wavuye gusura INGABO Z'IGIHUGU mu birindiro i Kagitumba, akaza atangariza abanyarwanda ko ku rugamba nta banyamatiku babayo ngo kanaka uyu akomoka i Nduga, i Bunyambiriri, mu Bushiru, Bugoyi, Buganza,... ku rugamba rero hari umunyarwanda urwanira u Rwanda kuko iyo rutewe ntabwo ari akarere kamwe kaba gatewe, utwo turere rero tugomba kubaho akaba aritwo tugira ubumwe bw'u Rwanda aho kuba isoko y'amacakwinshi; ubutaha nifuzaga ko uwo munyamakuru yazatangariza abanyarwanda ko ku rugamba nta kibazo cy'umutwa, umuhutu cyangwa umututsi kihaba kuko iyo inyenzi ziteye Katiyusha zitayibwira ngo igende yice umutwa n'umuhutu isige umututsi ahubwo baba bayohereje ngo yice umunyarwanda wese iri buhure nawe.

Kuba rero ndi umunyagisenyi w'umututsi ndagira ngo ngire icyo mvuga ku bumwe bw'abahutu n'abatutsi nkifuza rero kubivugira muri Kangura kuko aricyo kinyamakuru nkunda nkaba ahubwo nsaba n'uwashobora kugishyigikira kigatera imbere kurushaho yabikora bityo mu gihe kiri imbere tukazagira nka KANGURA MAGAZINE, KANGURA ECONOMIE, GISENYI KANGURA MATCH,... Nubwo rero usanga hari abavuga ngo Kangura ni ikinyamakuru gishaka gusubirishamo abahutu n'abatutsi njye siko mbibona kuko no kugira ngo umuyobozi w'icyo kinyamakuru abashe kuburira u Rwanda ko ruzaterwa aruko atavanguraga amoko ahubwo yabanaga kandi akaganira na buri wese.

Niba rero twemera ko u Rwanda ari urw'abanyarwanda bagizwe n'abahutu n'abatwa n'abatutsi ndetse n'abandi bo mu bundi bwoko baba baragizwe abanyarwanda mu nzira zemewe n'amategeko, uko byagenda kose abo banyarwanda baturuka muri ubwo bwoko bwose babishaka batabishaka bagomba kubana, none se ko numva ngo abatutsi bategetse imyaka igera kuri 400 kandi bakoresha ubutegetsi bushingiye ku ngoma ya cyami n'ubwikanyize bw'ubwoko bwabo, abatwa n'abahutu bashize mu gihugu? Muw'1959 se ko abahutu bakoze revolisiyo, abatutsi bashize mu gihugu? Kandi rero u Rwanda ntibigeze barugabanyamo ibice 4 ngo buri bwoko mu bwo navuze haruguru bufate agapande kabwo kandi niyo byakorwa uretse ko ari ntawabyifuza, abatwa nibo bafata igipande kinini bakanabona n'umusaya. Ijambo kubana rero nyine rifite icyo risobanura, umuntu yavuga ko ari ugusabana, kubahana, gushyingirana, n'ibindi; dore rero bimwe bituma dushobora gusigara inyuma mu majyambere bikaba binabangamiye ubumwe bw'abanyarwanda aribyo abashyira mu gaciro bita ibitekerezo bishaje.

— Kugira isoni z'ubwoko bwawe: Kwitwa umututsi cyangwa umututsikazi ikibazo kiri he ko ari ubwoko, ari aho umuntu yavukiye, igihugu cyangwa umugabane w'isi yewe n'igitsina ko ntawe ubihitamo kuki byagutera isoni, ibyo nabyo njye mbona ari ubujiji (Aha niba mvuze abatutsi nuko ari muri ubwo bwoko usanga hari abo butera isoni ndetse abenshi bakaba baranahinduje mu marangamuntu yabo, nkabo bakwiye guhanwa).

— Kurongora mu bwoko butari ubwawe cyangwa uwo mu karere katari ak'iwanyu ngo ni amakosa niba atari icyaha! Iyo nk'umuntu wo mu karere abantu bakunda kwita ngo ni mu Rukiga arongoye umututsikazi wo mu karere abantu bakunda kwita mu Nduga, induru ziravuga bikarushaho iyo ari umututsi noneho urongoye umuhutukazi ku buryo wagira ngo hari itegeko ritegeka gukunda, mbega amajyambere make!

Ibintu byinshi biravugwa ngo abatutsikazi bafite uburanga kurusha abahutukazi, ngo bahemukira abagabo cyane iyo barongowe n'abahutu kurusha uko umuhutukazi yahemuka, ngo abatutsi bazi ubwenge, bazi gucengera, bazi gukururana n'ibindi byinshi. Ibintu byose bavuga usanga nta shingiro bifite kandi bigendera ku bitekerezo bishaje. Ngo kuvuga ku kibazo cy'ubwiza, n'ubuhe bwoko butagira abantu beza n'ababi? Aho ibihe bigeze cyane cyane mu mugi gutandukanya umuhutukazi n'umututsikazi birakomeye, bose barakaraba bakisiga... babuzwa n'iki kuba beza. Iyo umuntu avuga guhemukira abagabo izo ngeso ziboneka ku bagore bo mu bwoko bwose bubaho, abanyagisenyi muzi nk'umugore ufite akamodoka ukora n'abantu beza uko yifata, muzi umugore wapfushije umugabo wari umutegetsi wa Komini ibyo yakoreye umugabo we wa mbere, ingero ni nyinshi ku bwoko bwose; iby'ubwenge, gucengera, gukururana,... Uretse wenda ko kera abatutsi aribo bigaga bonyine naho ubundi unyarukiye muri za koleji na za lycée, wasanga muri rusange ku bahutu, abatutsi badakurikira (Simvuga ko abatutsi batazi ubwenge, ariko kubera ko abenshi baba mu migi usanga baratwawe n'busapfu;). Uretse wenda bariya batutsi bo hanze bagifite ibitekerezo bishaje, bakaba banashuka bamwe muri bene wabo basize mu gihugu, naho ubundi mu Rwanda nta mututsi nta muhutu. Mbe ko uriya Mubyeyi yagakoze! Mu gihe agifite ubushobozi, abanyarwanda ni ukureba uko bamwongera utundi twa manda. Nanone ba kidobya ntibabura ariko abo nyine ni babandi bashaka gusabota politiki y'Ubumwe n'Amahoro; Nk'abantu bagitekereza ko Seminari ari iy'abatutsi gusa!

Gisenyi yagize amahirwe bayikiza Nshunguyinka ngo ni umuhutu ra! Ariko ntawuzi icyo yapfaga na bene wabo abicisha (Superefe wa Ngororero, Umunyamabanga we) abandi abafungisha no kubapyinagaza ku maherere (Bourgmestre w'Umusisita wa Kibilira,...) Hari nk'agatsiko k'abantu bamwe mu bakomoka mu Ruhengeri bahora mu migambi yo guteranya abahutu n'abatutsi.

Hari n'umusirikari ukomeye wo mu rwego rwa ba Ofisiye nawe wajujubije Gisenyi aho kubahiriza umu-

KA02 1408

KA021408



tekano yazanye iterabwoba mu bantu, arafungira abantu ubusa, arafata abagore b'abandi n'abakobwa ku ngufu, ngo yaba anashaka n'urufaranga ku ngufu, uwo ku rugamba yaba yarerekanye ubugwari bukabije imbere ya ba bahungu bita abana ba HABYARIMANA igihe bari basakiranye n'umwanzi, ari ingero nyinshi zidindiza ubumwe bw'abanyarwanda.

Iyi ntambara turwana n'inyenzi yagombye nayo kurushaho gushimangira ubumwe bw'abanyarwanda aho kubacamo uduce. Nubwo iyi ntambara atari iy'abatutsi barwana n'abahutu (ngo mubateye harimo abahutu, ngo haba hari n'ibyitso bikomeye byacikishijwe na bamwe mu bahutu bakomeye, ntawakwirengagiza ko yashowe n'abatutsi baba iyo mu mahanga (abo ntabwo bafite icyo bahuriyeho n'abatutsi baba mu Rwanda kuko kuribo natwe tuba mu Rwanda ntaho dutaniye n'abahutu).

Aha rero ndabona bariya batutsi bo mu Rwanda bakomeye haba mu butegetesi, baba ari abacuruzi bakomeye, aho kwirirwa bandikira Jenerari bamurangaza ngo «uburenganzira bw'ikiremwamuntu bw'abatera u Rwanda» nkaho abarubamo tutabugira, bagombye (abo batutsi) gukora inyandiko bakazohereza mu mahanga no mu miryango mpuza mahanga bamagana ibikorwa by'abo batutsi baba mu mahanga batera u Rwanda, hanyuma ubutegetsi nabwo bukareba ukuntu biriya bintu bya ziriya nkotanyi zahunze. Leta yareba icyo ibikoresha ntibikomeze gupfiraho bityo n'abaturage ntibakomeze kwitotomba ngo abategetsi baracyabirwanira kugira ngo hazaboneke ubatwara. Ndagira ngo nongere nshimire ubutegetsi bushya bwa Perefegitura ya Gisenyi budahwema kubumbatira Ubumwe bw'abaturage, nibakomerezaho ariko kandi ngo imikorere y'uwitwa Mitterrand nayo irakemangwa haba mu bakozi haba no mu baturage.
HARAMBE MU RWANDA
POLITIKI Y'UBUMWE N'AMAHORO yo izateza igihugu cyacu imbere.

*KARIM P.Norbert*
*TUTSI*
*SECTEUR GISENYI-RUBAVU*

**Cet article n'engage que le seul KARIM P.N.**

# BAMWE MU BAYOBOZI B'AMAKOMINE Y'I BUTARE BAYATAYE INYUMA YA HUYE

Twese twemera ko Komine arizo shingiro ry'amajyambere. Akaba ariyo mpamvu izo Komine zigomba guhabwa abayobozi babishoboye kandi biyemeza kwitangira abaturage. Ayo makomine ariko agomba no guhabwa ibikoresho bihagije. Muribuka ko hari umuburugumesitiri utuye ku mupaka muri Butare wikanze igitero cy'inkotanyi ziturutse mu Burundi. Hanyuma agafata imodoka akiruka n'akamodoka akajya gutabaza. Nyamara iyo agira telefone aba yarahise atabaza kandi bakamwumva vuba.

Ni ngombwa rero ko amakomine yo ku mipaka ahabwa uburyo bwihuse bwo gutumanaho kugirango bashobore gushyikirana n'abategetsi bose mu Rwanda. Kandi n'iyo telefone yafasha abaturage mu gutumanaho n'abandi bantu baturiye mu Rwanda ndetse no mu mahanga. Ariko rero ni byiza ko ibikoresho biba bihawe Komine bikoreshwa neza.

Dore ko hari amakomine menshi yahawe imfashanyo ariko ntamenye kuzikoresha neza.

Muri ibyo bikoresho twavuga nk'imodoka zo gufasha abarwayi kugera ku baganga babishoboye. Ikibabaje ahenshi n'uko izo modoka zakoreshejwe nabi kubera abayobozi b'amakomine babyitwayemo nabi cyane kandi abarwayi bapfa ari benshi batabonanye n'abaganga.

Muri urwo rwego hari amavuriro menshi yahawe za moteri kugirango zicanire ibitaro, nyamara ahenshi izo moteri zaguye ingese zidakoreshejwe na none kubera abayobozi b'amakomine babyitwayemo nabi. Dore nko muri Komine Kibayi, Leta ya Canada yabahaye moteri mu mwaka wa 1990, ariko kugeza na n'ubu iyo moteri iracyafunitswe mu bikarito yajemo.

Ese uriya mu Burugumesitiri ntabwo azi koko akamaro k'iriya mashini? Ese koko ubwo arabona ataraciye intege bariya bagiraneza bari bigomwe iyo moteri kugira ngo abarwayi bazakunde bavurirwe ahabona. Ese ko ubukungu bwa mbere bwa Komini ari abantu bayivukamo, none igihe barwaye ntibavurwe neza kandi vuba, hanyuma na Burugumesitiri nawe akituramira ko ubwo arabona ko abarwayi aribo bashobora kuzamura Komine. Si muri Kibayi gusa ahubwo no muri za Komine Nyakizu na za Nyaruhengeri ngo abayobozi b'aho bayobotse ababashyizeho naho abaturage babatera umugongo. Abategetsi rero baterreranye abaturage akanyu kashobotse kuko mu minsi iri imbere bazajya batora uwo bishakiye kandi babona ko azabagirira akamaro.

*Papias RUBERA*

**Gisenyi-Info iramenyesha abasomyi ba Jeune Afrique batuye Goma na Gisenyi ko icyo kinyamakuru kigiye kongera kubageraho bakiguriye ku biro byayo ku Gisenyi.**

KA02 1409



# HARYA NGO INKOTANYI ZIZABA ZIRI I KIGALI KURI NOHELI MBEGA KWITERA IJEKI !

KA021409

Kuwa gatandatu tariki ya 17 Kanama nibwo i Gbadolite muri Zayire hari hateganijwe inama igamije kureba ukuntu iyi ntambara inkotanyi zakuruye yahosha. Iyo nama yari inagamije gushakira burundu umuti w'icyo kibazo.

Iyo nama yari yatumiwemo abakuru b'ibihugu bituriye akarere turimo, bagombaga gusanga yo Perezida wa Zayire, Mobutu Sese Seko umuhuza wa Guverinoma y'u Rwanda n'Inkotanyi, na Perezida Ibrahim Babangida wa Nigeria uyobora muri iki gihe Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika.

Mbere y'uko iyo nama iba, Inyenzi-inkotanyi zagerageje uko zishoboye kwose ngo zigarurire ubutaka bw'u Rwanda n'iyo yaba Segiteri imwe, kugirango zizagire nazo icyo zerekana. Birananirana. Twumva ngo na Jenerali Hachim Mbita, uyobora ba basirikari batagira aho babogamiye yayobewe n'uko atanga raporo. None se ko Inkotanyi zemeza ko ngo zifite ubutaka bw'u Rwanda, Jenerali Mbita n'abasirikari be bagenzura bagaheba, Inkotanyi ziragirango nawe azabeshye amahanga nk'uko zibikora !




Mu kwezi gushize kwa karindwi abanyamakuru babiri ba Uganda bakorera ikinyamakuru "Weekly Topic" cy'i Kampala, n'undi ukomoka muri Zambiya baguzwe n'Inkotanyi ngo bagiye gusura "agace" k'u Rwanda Inkotanyi zigaruriye.

Ngo bari baje kuneka ibintu bitatu. Icya mbere ngo bari bababwiye ko Inkotanyi zaneshejwe ( nibyo ) zigashwana, icya kabiri ngo i Kampala hari hakwiriye indi nkuru y'uko abagande ( abatware ) b'Inkotanyi Alegisi KANYARENGWE na Major KAGAME ingabo z'u Rwanda zabivuganye. Ngo bari banumvise Radio Rwanda ndetse n'Ambasade y'u Rwanda i Kampala zemeza ( kandi ni ukuri ) ko Inkotanyi nta kigo zifite mu Rwanda nta n'agace na kamwe k'u Rwanda zigenzura.

Abanyamakuru bawe saa yine z'ijoro mu bihuru barahafata, ibyuma byabo ari ibifata amajwi n'ibifotora babibangira ingata jugujugu. Bahuye n'Inkotanyi zigeze kuri 30 ziyobowe na "Commander" Byarugaba. Nawe ati murakaza neza murisanga. Ndanabereka "chairman" ( umutware ) Kanyarengwe.

Abo banyamakuru barashyize babona Kanyarengwe. Bivugira ko avuga neza ikinyarwanda, igifaransa n'ikiswahili ( yabaye igihe kinini muri Tanzaniya ). Ariko ngo icyongereza cye kigerwa ku mashyi. Kuko abo banyamakuru batari bazi neza igiswahili, na Kanyarengwe atazi neza icyongereza, bahisemo gushaka umusemuzi. Kanyarengwe akavuga ikinyarwanda umusemuzi akavuga mu cyongereza.

Kanyarengwe aratangira ikinyoma aragicura. Ngo Inkotanyi zirifuza ko intambara yarangira ariko ngo zizarwana igihe cyose ingabo z'igihugu zizaba "zizisagariye". Arakomeza ati : "Vuba aha, ingabo z'igihugu zateye Inkotanyi mu Mutara. Twica abasirikari benshi b'u Rwanda harimo n'abofisiye benshi, bahasiga n'ibimodoka byinshi bya gisirikare".

Abanyamakuru bamubaza aho iyubahirizwa ry'amasezerano yo guhagarika imirwano rigeze. Kanyarengwe ati : "Habyarimana yarayasuzuguye

yanga no kwemera FPR". Abanyamakuru bati : nibyo koko FPR nta gace k'u Rwanda yigaruriye? Kanyarengwe ngo araseka aratemba. Ati: "My brothers (bavandimwe) ubu muri he?" Arongera ati: "FPR nta gace ifata ngo ikamarane igihe. Ariko dufite ibigo byinshi kandi turwanira ahantu hatatu hakaze, Mutara, Ruhengeri na Byumba.

Abanyamakuru baramubaza bati: "FPR yiteguye intambara ndende kandi ikaze yamara imyaka 10 cyangwa 15? Kanyarengwe arasubiza ati: "Biraruhije gutegura intambara. Ibintu bihinduka buri munsi kandi turacyashaka amahoro n'ubwo bwose Habyarimana atava ku izima". Nibiba ngombwa gukomeza kurwana, nabemerera ko iyi ntambara itazamara igihe kirekire".

Bamubajije ku byerekeye amashyaka menshi, Kanyarengwe yarashubije ati: "Ntidushobora kuza gupiganwa n'andi mashyaka kandi batatwemera. Ikihutirwa ni ugushakira umuti ikibazo cy'impunzi mbere na mbere. Tuzahagarika iyicwa no gutoteza abantu bacu. Habyarimana agomba kurekura abafungiwe ibya politike bose akubahiriza ikiremwa-muntu".

Ati: "Ibyo byose nibitungana nibwo tuzaza tukavuga iby'amashyaka menshi".

Kanyarengwe arongera ati:

"Mbere y'uko dufata Kigali, icyo dushaka n'uko abanyarwanda bumva igituma turwana".

Abo banyamakuru bababajije Kanyarengwe ibyerekeye abasirikari b'abanyakenya 600 ngo baba bafasha ingabo z'u Rwanda. Kanyarengwe ati: nibyo, barahari, bararwanira Habyarimana. Twafatiye umwe mu Ruhengeri atubwira byose. Ariko nyuma aza gupfa kuko yakomeretse cyane".

Ku byerekeye ya Radiyo y'Inkotanyi Muhabura (bivuga kwerekana inzira). Kanyarengwe yarashubije ati: "Noneho Habyarimana ntazadutsinde. Radiyo Rwanda yiririwaga ibeshya abaturage. Noneho dushobora kuyibeshyuza kuri Radio Muhabura".

Abanyamakuru bamubajije ikosa FPR yakoze kugirango itsindwa iyi ntambara. Kanyarengwe noneho ntiyirarira ati:

"Sinavuga ngo twakoze amakosa akomeye yatumye dutsindwa n'intambara. Twagize amahirwe make intambara igitangira. Twatakaje umukuru wacu Rwigema n'abafasha be, Bayingana na Bunyenyezi. Ibi byaduciye intege cyane".

Abanyamakuru bati: iyo Rwigema aba akiriho? Kanyarengwe ati: "ibyo aribyo byose yarapfuye. Ariko uzi neza ko iyo aba akiriho, ubutegetsi buba bwarahindutse i Kigali. Sinavuga ko tuba twarabufashe. Cyokora bwari kwivanaho ubwabwo kubera ubwoba".

Abanyamakuru barakomeje baganira n'izindi nkotanyi. Nk'akitwa John Mugabo alias Mugabe alias Mugabi winjiye mu ngabo za NRA muri 1985 afite imyaka 9 akaba ubu afite imyaka 14. Mugabo yahoze ari umu "GP" urinda Museveni mu mutwe witwa "PPU" (Presidential Protection Unit).

Umunyamakuru amubajije impamvu yacitse muri Presidence ariho yabaga. Mugabo ati: "yari imariye iki? Iyo Presidence ni Presidence ya Museveni si iyacu! Iyacu iri i Kigali. Iyo Habyarimana atureka tukagaruka, abasirikari ba Obote ntibaba barishe ababyeyi banjye".

Abanyamakuru babaza ako kana bati: utekereza ko iyi ntambara izarangira ryari?

Mugabo ati: "Iyo ba "affandes" (abatware) babishaka, yari kuzarangira kuri Noheli. Ariko bafite izindi programme bakaba bashaka ko tugenda buhoro".

Abo banyamakuru baganiriye n'indi nkotanyi "Commander John Karekire" ufite imyaka 36 y'amavuko, wahoze ari Kapiteni muri NRA. Bamubajije igituma yavuye muri NRA. John Karekire ati: "Mu rugo ni mu rugo (Home is home)".

Mbere y'uko abo banyamakuru batahuka, Inkotanyi zabahaye Cassettes za Kayirebwa. Imwe iriho indirimbo yitwa umunezero (Happiness).

Bajya kugenda, Inkotanyi Mugabo yijeje abo banyamakuru ko bashobora kumwoherereza ikarita y'urwibutso kuri Noheli i Kigali. Iyo se mama avuga n'adresi bazayimwoherezaho!

Uwo munyamakuru Ogen John Kevin arimo arangiza inyandiko ye avuga ko ubundi adafite akamenyero ko kohereza abantu amakarita y'urwibutso, ngo cyakora yasanze nta kundi azabigenza... ashatse yasubiza amerwe mw'isaho, ingabo z'u Rwanda ziri maso!

*H.J.*

## DUKOSORE MURI KANGURA N° 19, p.15

Umuhotozi MUGENZI yishe umurwanashyaka SARABWE kubera ko iriya nyangamugayo yasabaga imbaga nyamwinshi y'abahutu b'i Gahini kwirinda icyatuma basubiranamo muri 1973. Murabona rero ko uriya MUGENZI umugaragu w'abatutsi yatangiye gukotana kuva kera.

Ndetse ngo n'icyatumye yica umugore we wa mbere wari umuhutukazi ngo yishakiraga kurongora umututsikazi uzamufasha gukotana cyane. Ubihakana azarebe niba umututsikazi MUGENZI atunze ubu nta sano afitanye n'inkotanyi zidutera ziturutse mu Buganda. Nguwo MUGENZI washinze ishyaka ryayobotswe ahanini n'ibyitso byafunguwe.

Umuryango wa SARABWE rero uzatubabarire kubera ko uriya muhutu warwanyije ingoma ya gihake i Kibungo twaramubeshyeye ngo yari umututsi. Tuboneyeho n'umwanya wo kwamagana ibizungerezi bya Nyamirambo-Ibereshi, Mumena na Kivugiza byikoreye abakobwa be. Abo bana b'abanyarwandakazi mubahe amahoro; Ntihagire rero abakomeza gutesha umutwe bariya bakobwa ba SARABWE. Bahutukazi aho muri hose nimukomeze kuba maso, kuko amayeri y'ibizungerezi ari menshi. Tuzajya tuyabamenyesha buhoro buhoro.

*La Rédaction*

KA02 1411

# ARI MINISITIRI ARI NA PEREZIDA WA REPUBULIKA NINDE UTEGEREZA UNDI?

**Ni kuwa mbere tariki ya 5 Kanama 1991 umunsi ubanziriza uwanyuma wa cya cyumweru cyo gutaha no gutangiza imishinga. Uwo munsi Umukuru w'Igihugu yagombaga gutaha ikigo cy'ubuzima muri Komini Gikomero (Kigali) i Kayanga. Sibwo Minisitiri w'Ubuzima, Fransisiko Saveri NSENGUMUREMYI (tuzi twese) ahasesekaye umuhango warangiye kare. Perezida wa Repubulika yarangije gusura icyo kigo. Minisitiri w'Ubuzima ugishinzwe mbere na mbere atigeze ahakandagiza ikirenge. Ahari ubwo yari yagiye ahandi... gutaha undi mushinga!**
**Minisitiri NSENGUMUREMYI yakubitanye na Perezida wa Repubulika ikimwaro kiramukora kivanze n'ubwoba. Uwumvise disikuru yasomye uwo munsi niwe wakubarira iyo nkuru. Perezida wa Repubulika kubera imbabazi za kibyeyi yagerageje kumuhumuriza, amwumvisha ko bibaho... abona guhumeka neza buhoro. Ariko se Minisitiri urabona ko Perezida wa Repubulika ariwe wari ukwiye kugutegereza koko?**

**J.H.**

# IZO MPUHWE!!!

**Hari abakozi baka konji ntibayihabwe kubera impamvu zinyuranye cyangwa bakayibona batinze. Ngo haba n'abayingingirwa. Cyakora iyo abakozi bamwe na bamwe biha kwanga konji hagashira imyaka itanu bitera kwibaza. Muri MINIFIN haboneka abakozi bahabwa "demande" zo gusobanura impamvu bamaze igihe kirekire batajya muri konji. Bakisobanura bavuga ko bagiye muri konji akazi kazamba! Nyamara urwo rukundo rw'akazi usanga ruhatse ubutiriganya buhanitse. Kuko ngo baba banga ko nibaramuka baruhutse, abazabasimbura batahura amadosiye bahora babundikiriye, kandi yahesha igihugu amafaranga y'akayabo. Naho kuvuga ngo akazi kazamba ntibyumvikana. Ahubwo bajye bavuga ko banga kujya muri konji kugira ngo babone uko banyereza. None se baramutse bagize izindi mbogamizi zirimo no guhindurirwa imirimo ni ukuvuga ko akazi kahagarara. Nyamara ahubwo twaje gutahura ko bene abo bakozi banga konji baba bafite amadosiye baririye ruswa noneho bakanga ko batahurwa. Leta rero nikomeze gukanura kuko abagambiriye kuyidindiza bafite amayeri menshi.**

*N.I*

# NYAMYUMBA: URIMUBENSHI ARANGIZA IMANZA AMAZE KURYA

*Umuhesha w'inkiko wo muri Komine Nyamyumba yazambije abaturage bo muri iyo Komine. Ngo nta rubanza rurangizwa ari uwatsinze ndetse n'uwatsinzwe atabanje guhabwa udufaranga. Ndetse ngo n'utwo dufaranga ahabwa twatumye URIMUBESHI ashobora kwubaka akaruri ku Gisenyi muri karitsiye Egide (uyu Egide akaba ari wa Burugumesitiri wa Nyamyumba wa wundi ufitite udukosa duke!!) Ukwo kubaka akaruri ngo kwatumye URIMUBENSHI Evariste atanga (chèques sans provision) bityo bituma yakwa uburenganzira bwo gukoresha chèque mu ma banki yose yo mu Rwanda. Ubwo bukene butagira akagero bwatumye uriya mugabo akomeza kunyunyuza imitsi y'abaturage cyane. KANGURA rero buri gihe izakomeza kubagezaho akababaro k'imbaga nyamwinshi yizera ko abategetsi bazumva abaturage bakabarenganura.*

*MASUMBUKO.*

KA02 1412



# NTIYAHERAHEJE MU BUVUZI GUSA NO MU GUSISIBIRANYA GASEKURUME NI DOGITERI

KA021412

Umuntu w'umudogiteri, mu kinyarwanda kivuye mu nkoranyamagambo bamwita gaheraheza. Mbese ni nk'aho bavuze uwize amashuri akayakunkumura. Iryo jambo rikoreshwa cyane ku bantu bafite gaheraheza ya Leta (doctorat d'Etat) ariko n'abize ubuganga rusange muri Kaminuza bashobora kwitwa batyo. Gasekurume Yakobo na we ni gaheraheza mu buvuzi. Ariko iyo usubiye inyuma ukibaza k'ubuyobozi bwe mu karere k'ubuzima ka Gisenyi usanga afite impamyabushobozi yo gushimuta mu rwego rutari urwo hasi, ikaba yaratanzwe n'ishuri kamere ryigisha ubumenyi bwo kunyoterwa n'ifaranga (Institut Naturel des Sciences de l'Ambition Monétaire: INSAM) Iryo shuri ukeneye kuryiga yandikira ubwenge bwamwemerera agashyira icyiro cyaryo mu mutima we. Ayi we!

**Umutungo w'akarere k'ubuzima ka Gisenyi yawushimutanye ibakwe**

Bwana Minisitiri w'ubuzima, nushaka Kangura izakomeza kukwereka amakosa menshi ibona muri Minisiteri muyobora bityo yenda mwazayakosora. Birazwi neza ko gufata umurizo w'ingwe bisobanura gusoma impyisi. Bityo kuwufata bikaba bidakinishwa. Ariko iyo bibaye ngombwa ko uwufata urakomeza nturekure. Ibyo bigasobanura ubutwari. Iterabwoba iryo ari ryo ryose ntituzaryemera kudutera imijugujugu mu maguru. Tukaba tugusaba rero kureba mu madosiye ufite aho muri cabinet yawe. Shakamo fotokopi ya fagitire yahawe akarere k'ubuzima ka Gisenyi na Rwandex. Kugira ngo udashakira kure rebera muri raporo yakorewe Gasekuruma yimuka ava ku Gisenyi, uri busange ari fagitire ya 1.002.180Frws. Ngo waba waraburiye Yakobo Gasekurume uti "uzagire vuba wishyure ariya mafaranga bitarasohoka ngo bimenyekane". None rero dore KANGURA ibimenyesheje rubanda atarayishyura. Uwo muganga uhishira mu mutungo wa rubanda nk'uko uhishira abandi ubu yagize ikibazo cyo kwishyura. Inzu yari yaratangiye kubaka ku Gisenyi ubu arashaka uwayigura ngo arebe uko yakwikura muri kiriya kibazo. Ariko se aramutse atayiboneye umuguzi uzafata uwuhe mwanzuro Bwana Minisitiri? Mbere yo kugira ngo tukwereke inzira ayo mafaranga yarengeyemo turabanza kukubaza impamvu Gasekurume akimara guhabwa mutation wongeye guhirimbana umusabira gusubizwa ku Gisenyi?

Amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi bibiri n'ijana na mirongo inani ayashimutana ubuhanga: ubundi akarere k'ubuzima ka Gisenyi aho gakorera nta mazu abikwamo (stocks) ibikoresho n'imfashanyo z'ibiribwa gahabwa imiryango mpuzamahanga gafite. Bituma Gasekurume agira igitekerezo cyo kwubakisha ayo mazu. Agahora abibwira abo bakorana. Ariko uwo mushinga ntiwigeze wigwa. Byari mu magambo. Uzahore urebe ukuntu icyo gitekerezo kizibaruka amayere. Mu ibaruramari ry'akarere ka Gisenyi bakoresha "bons de commandes" iyo bagura lisansi gusa. Ku bindi bisigaye baragenda bakagura nyuma bakazana fagitire. Ingaruka yo kutagira "bons de commandes" rero ni uko haje kugaragara fagitire zidasobanutse.

Byatangiranye n'Ukwakira 1990. Akarere k'ubuzima ka Gisenyi kagura ibikoresho bw'ubwubatsi. Ibisohotse muri RWANDEX Gisenyi Gasekurume akaba ari we ubisinyira ariko ntihagire igikoresho na kimwe kigera mu karere k'ubuzima. Aho aherewe "mutation" ahita akora uko ashoboye azana ibikoresho by'ubwubatsi, birimo sima imifuka 200 na twa "fer-à-béton" n'utundi tubati 14 bifite agaciro k'amafaranga ari munsi y'ibihumbi magana atatu. Aho ibintu bibera insobe ni uko guturuka kwa muganga kugera kuri Rwandex/Gisenyi hari byibura kilometero imwe. Ni ukuvuga ibintu biri mu modoka biturutse muri iryo duka bigomba kugera ku karere k'ubuzima ka Gisenyi mu minota iri munsi y'icumi. Igitangaje "livraison" ya nyuma yabaye tariki 31/03/1991 ariko itegereza ukwezi kwa Mata kugira ngo igere kwa muganga. Imodoka se yaba yarapfiriye mu nzira? Ababikurikiranye bavuga ko ibikoresho byaturukaga muri Rwandex/Gisenyi bijya kubaka inzu ye yari amaze gutangira. N'ibyamaze iminsi mu nzira niho byanyuze, birakoreshwa. Amaze kumva ko yimuriwe ahandi ahita abona ko umutwe yari yateguye umupfubanye. Nibwo arebye aho ashakashaka turiya dukoresho two gukinga rubanda mu maso. Ikibabaje ni uko sima yahagejeje, byagaragaraga igipakururwa ko yarangije kuba urutare. Haravugwa ko haba hari umucuruzi wari uyifite yarangiritse noneho akayimuhera make. Gasekurume yabajijwe impamvu ibikoresho yazanye bifite agaciro kari munsi y'amafaranga yasohotse asobanura ko ibibura azabizana.

Byatumye tunyarukira kuri RWANDEX/GISENYI kureba niba hari ibyasigayemo, dusanga ari ntabyo. Ubwo twibwira ko ibyo bikoresho byaciye akabungo. Hari abari buvuge ngo ayo mafaranga si menshi byo gutera rwaserera nyamara bakibagirwa kuyagereranya n'ingengo y'imari igenerwa za Régions Sanitaires". Na none kandi ayo mafaranga akaba yaranyerejwe mu gihe cy'amezi atanu gusa. Buri muyobozi w'akarere k'ubuzima agiye abigenza kuriya buri mezi atanu ubwo bukungu bwava he? Mu gusoza, Bwana Minisitiri w'ubuzima, ko wemeza ngo KANGURA ibeshyera abakozi bawe, no kuri GASEKURUME niko bizagenda?

*N.I.*

**UBWANDITSI BWA KANGURA**

*NGEZE Hassan*
*NDEKEZI Bonaparte*
*RUBERA Papias*
*NSENGIYUMVA Evariste*
*HITIMANA Noël*
*NYABYENDA Issa*
*HATEGEKIMANA Jean Baptiste*

KA02 1413

# ISHYAKA NI IBITEKEREZO N'UBURYO BWO KUBISHYIRA MU BIKORWA

KA021413

Inkubi y'umuyaga yahanantuye amashyaka ya gikomunisiti yo mu burasirazuba bw'i Burayi ntiyari gusiga amahoro politiki y'ishyaka rimwe rukumbi abategetsi b'Afurika bari bakomeje gutsimbararaho. Nyamara ariko sibwo bwa mbere amashyaka menshi aza muri Afurika. Ibihugu byinshi mu kwibohora ingoyi ya gikolonize byari bifite amashyaka arenze rimwe. No mu Rwanda aho kazungu na gatutsi bari barazonze rubanda nyamwinshi rugizwe ahanini n'abahutu demokarasi n'ubwigenge byaje mu mashyaka menshi, twavuga nka MDR PARMEHUTU, APROSOMA, RADER, UNAR n'utundi dushyaka duto duto. Gusa ubwikanyize no kwanga kuvugururzwa byatumye abari ku isonga y'ubutegetsi muri ibyo bihugu — babuhawe n'abaturage cyangwa bahiritse ku ngufu ubwariho — bakora uko bashoboye kose kugira ngo ishyaka ryabo abe ariryo rikomeza gutegeka ryonyine. Bamwe ntibazuyaza no kubishyira mu Itegeko Nshinga.

Abacyitwaza rero ngo Abanyafurika ntibarakura mu bitekerezo no muri politiki ku buryo batahangana nk'uko bikwiye n'amashyaka menshi baribeshya cyane ; abo ni abashaka kugundira ubutegetsi boshye ikirondwe ku mwite. Abandi ngo ni ukurema uduce mu gihugu cyangwa kugitezamo imvururu. Ese ubundi ko igihugu giturwamo n'abantu b'amadini, b'indimi, b'amoko, b'uturere binyuranye bituma batumvikana? No kudahuza ibitekerezo ni ibintu bisanzwe maze impaka zaba zibaye urudaca zigakizwa n'amatora muri demokarasi. Ntawabura rero gushimira Perezida Habyarimana na Leta ye kuba baremeye ko ushaka gushinga ishyaka wese yabyitabira nta nkomyi.

Twibaze noneho ku ishyaka umuntu yagombye kujyamo. Jye ndasanga ko mu gihe dufite uburenganzira bwo kwihitiramo ishyaka, buri wese yakwiyemeza gushyigikira ishyaka rifite amatwara n'intego bihuje n'ibitekerezo bye koko kandi rirangwa n'ubushobozi n'ubushake byo kubishyira mu bikorwa. Iyo usesenguye manifeste na sitati by'amashyaka yose usanga ibyo wayanengaho aribyo bike ; ariko mu ruhande rwo gushyira mu bikorwa ibyo yiharanganaga ukaba wayaha imbwa zikayarya. Abagize amahirwe yo kwimikwa barangarira gusa ibibafitiye inyungu bo na bene wabo maze igihugu kikonkwa bigatinda.

Hari rero n'ingirwamashyaka nka FPR, UPR, UNAR n'andi bihuje isura yitwikiriza akarimi gasize umunyu, ubuki na sukari kugira ngo abone uburyo amahanga ayafasha gufata ubutegetsi. Amashyaka nk'ayo ashingiye ku bwoko bumwe gusa nabwo butagejeje no kuri kimwe cya cumi cy'umubare w'abaturage b'igihugu cyose nta kindi mu by'ukuri aba agamije uretse kumarira ku nkota na kalacini kove imbaga y'abantu bo mu yandi moko no gusubiza ku buretwa, ikiboko n'ubuhake rubanda rushoboye gucika ku icumu. Ntangazwa n'umuntu uzi neza ko nawe batamurebera izuba abo baramutse bongeye gutegeka ariko akifatanya nabo ku rugamba rw'amasasu n'urw'ibinyamakuru. Ushobora kwangana urunuka n'umutegetsi kanaka naho yaba ari Perezida wa Repubulika ariko ntugeze aho kugambanira igihugu cyakwibarutse n'abagituye bose bene wanyu.

Ubu nyine mu Rwanda amashyaka yatangiye kwigaragaza ariko birababaje kubona abitwa ngo ni abanyabwenge baminuje mu mashuri, bafite cyangwa bigeze imyanya ikomeye mu butegetsi no muri politiki batagira ibitekerezo bakibera ba nyamujya iyo byerekeza. Bene abo rero ntibashobora no gushyira mu bikorwa ibyitwa ngo ni ibitekerezo byabo haba mu mibereho yabo isanzwe haba mu mirimo igihugu cyabashinze. Icyangombwa kuri bo ni ugukomeza kuryaho.

Nawe se umuntu azatsimbarara ku ishyaka iri n'iri ngo nuko rimumenyera imbehe cyangwa ateganya ko nawe rizageraho rikamwibuka cyangwa atinya ko ubutegetsi bwajya mu maboko y'umuntu wo mu karere katamuri ku nzoka kandi wenda arinengaho amakosa yakuzura umutiba, ndetse no ku mutima adashyigikiye na busa amatwara n'ibikorwa byaryo.

Ku rundi ruhande narwo umuntu azihandagaza ati nshinze ishyaka cyangwa ngiye muri ririya kuko iryahozeho ritankijije nk'abandi cyangwa ari uko afitanye itiku n'inzangano na bamwe mu bari ku butegetsi kandi nyamara adashoboye kwerekana mu magambo ariko cyane cyane mu bikorwa icyo iryo shyaka rishya agiyemo rirusha ayandi. Ishyaka ntabwo ari ubuhungiro bw'abananiwe akazi, ibisambo n'indashima n'abandi rubanda rukemangaho byinshi.

Ibitekerezo by'ishyaka n'uburyo ribishyira mu bikorwa nibyo buri wese yari akwiye gushingiraho aryamamaza aho guhumishwa n'umuntu uyu n'uyu cyangwa n'inyungu ze bwite n'iza bene wabo gusa cyangwa ngo yishingikirize akarere n'andi macakubiri adafite shinge na rugero. Biteye agahinda kumva ngo ko hakiri abagitekereza guteza imvururu mu gihugu cyangwa guhirika ubutegetsi bushyizweho binyuze mu matora kandi muri demokarasi yuzuye ngo ni uko ishyaka babogamiyeho wenda ritatsinze. Ubwo se u Rwanda rwaba rugana he koko? Icyakora nyine iterabwoba no kurimanganya amajwi biramutse bihawe intebe abo baba babonye intandaro yo gushyira mu bikorwa ibyo bibwiraga maze umwanzi wa twese nawe akaba abonye akanzu.

Jye mpamya ko u Rwanda ari urw'abanyarwanda bose, nta n'umwe rero wagombye kwibwira ko arufiteho uruhare runini kurusha abandi kubera ko akomeye cyangwa avuka aha n'aha. Niba afite ibitekerezo abishyire ahagaragara bihure n'iby'abandi maze uwo amajwi menshi ahuriyeho abe ari we wegukana ubutegetsi. Nawe nateshuka ku byo yatorewe, ni ukuvuga yerekanye ubushobozi n'ubushake bike byo kubishyira mu bikorwa, asimbuzwe undi muri demokarasi no kwishyira ukizana. Naho ibyo kuvukana imbuto byo nta mwanya bigifite mu Rwanda rw'iki gihe. Urebye rero ibitekerezo by'indore-

KA02 1414

KA021414



rwamo nyayo y'ibya rubanda nyamwinshi nibyo bifite urubuga mu ruhando rw'amashyaka menshi no mu mitegekere y'u Rwanda rw'ejo.

Ariko kandi ibyo twakora byose turamenye tutarangara tukiyibagiza intambara twakururiwe n'inyenzi-nkotanyi zitewe inkunga igaragara na Uganda ya Museveni n'ibyitso biri imbere mu Gihugu cyangwa hanze kandi bidateze kuva ku izima. N'uwashaka kujijisha avangamo ibibazo bidafashe by'uturere kugira ngo umwanzi atugwe gitumo nk'uko byagenze mbere y'Ukwakira 1990. tumwamaganire iyo bigwa. Dushobora kujya mu mashyaka anyuranye ariko tukaba tuzi ko dutahiriza umugozi umwe ariwo amajyambere n'umutekano by'abaturage. Umwanzi wacu ni umwe: ni wa wundi ushaka kutuvutsa ibyiza twazaniwe na Revolisiyo ya rubanda yo mu 1959. Ntabwo rwose abaheze ishyanga n'ibyitso byabo bakongera kubyutsa umutwe mu gihe tubaye maso tugashyigikira byimazeyo ingazo zacu tukarimburana n'imizi imitego yabo ba gashakabuhake yose kandi tukabereka ubudasubirwaho ko u Rwanda rutavogerwa n'imihirimbiri ibonetse yose.

*NDEKEZI Bonaparte*
*GISUMA*

Ku bwanditsi bwa KANGURA

Nishimiye kumva ko mugiye kutubonera ikinyamakuru gishya "Spécial Guerre d'Octobre". Gusa nabasabagako iyi nyandiko mwayingereza ku basomyi ba KANGURA. Iyo "KANGURA" nifuzako yagimbisha amacumu bayitera.

## "Namubonye aseka"

Isura isusurutse
Isura isuma isatira amahoro
Isura isesekayeho akari mu nda
Inda izira ubwoko
Inda izira ubwangwe
Inda itazindarira mu matiku
Amatiku wataruye mu museso
Amatiku wamagana rikarenga
Amatiku wimye amatwi
Amatwi utega imbabare
Amatwi utega ingabo
Amatwi utega intiti
Intiti wadabagije
Intiti washakiye ikigega
Intiti watamitse itara
Itara ritara ubwenge
Itara ritara umubano
Itara ritara umutekano
Umutekano wicarira
Umutekano wegamira
Umutekano wisegura
Usegura amahoro
Usegura umuhinzi
Usegura abarinzi
Abarinzi b'inkiko
Abarinzi b'inyangarwanda
Abarinzi bahashya inyangabirama
Inyangabirama zica
Inyangabirama zicuza abagenzi
Inyangabirama zitwika imisozi
Imisozi igata uburanga
Imisozi igacikamo imanga
Imisozi ikagira ubwambure
Shiramanga ushikamire Umugambi
Ushishikarire kutuzahura
Udukamuremo ubujiji
Umwijima uyoyoke
Tuyoboke inzira y'amajyambere
Twiyake ubukene
Dukere imihigo
M'uruhando rw'amahanga
Twanamiye guhora ku isonga.

*Docteur B. F.D.*
*Kayove/Gisenyi*

*N.D.L.R.: Soma inyandiko twise* ***"Ukuri guca mu ziko ntigushye"*** *urarushaho gusobanukirwa ingorane KANGURA Spécial Guerre d'Octobre yahuye nazo. Hagati aho turagushimira urukundo ukunze kutugaragariza. Amahirwe menshi turayakwifurije.*

## UMUTEGETSI UTARENGERA URUBYIRUKO ABA ASHAKA GUHIRIKWA

**Abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda kubera ikibazo cy'inyenzi-nkotanyi, uyu mwaka bahuye n'ikibazo cy'ubushomeri kuko batagiye kwiga. Abatarashoboye kubona akazi, amaso yabo bayahanze ibarura rusange ry'abaturage kuko naryo rishobora kubaha ikiraka.**
**Abasaro hose mu Rwanda bitabiriye iryo barura. Inkuru ishyushye itugezeho iturutse muri Rwerere yatumenyeshaga ko abenshi mu banyeshuri bo muri Kaminuza bababajwe no kubona BUTSINGILI A. Burugumesitiri wa Rwerere abavana kuri lisiti y'abazabarura ku munota wa nyuma. Ese mama uriya Burugumesitiri yabonye bariya banyeshuri aribo badashoboye kubarura, cyangwa n'ukurwanya urubyiruko gusa! Nyamara ngo utazi umukungu akumira umwana cyane cyane iyo uwo mwana yaminuje mu bwenge n'ubwitonzi. Ririya barura se ryishwe na bariya bantu basimbuye abanyeshuri kandi bataranahuguwe. BUTSINGIRI ntabwo abona ko azaba ahemukiye abaturage ba Komine Rwerere bose.**
*Papias RUBERA*

KA02 1415

KA021415

# CYANGUGU : ABATURAGE BO MURI GATARE BARATERERANWE

Muri Repubulika ya kabiri igihugu cyacu cyateye intambwe ikomeye mu majyambere. Ayo majyambere tuyakesha MRND n'umuyobozi wayo HABYARIMANA Yuvenali. Nyamara nta byera ngo de, kuko hari amakomine menshi yasigaye inyuma kubera abayobozi batereranye abaturage. Gatare ni imwe mu makomine yadindijwe n'abayobozi bikundira kurya gusa ; nka GATABAZI buri gihe ukurura yishyira. Dore ko n'abategetsi bose b'iyo komine yabashyize mw'ishyirahamwe ryo kurenganya abanyagatare. Iryo shyirahamwe ry'abategetsi ngo ryiyemeje kunigana abaturage ijambo. Umusaza MUNYANTORE burigadiye wa Gatare yamugaje abantu benshi. Ndatanga urugero k'umugore wa MUNYESHYAKA Paul wagizwe ikimuga hanyuma kugira ngo umugabo we atajya kurega baramufunga. Ese burugumesitiri niba koko uri GATABAZI kuki utababarira bariya bana bavaga kugemurira nyina mu bitaro by'i Kibogora wari wamugajwe n'inkoni za burigadiye hanyuma bakajya kugemurira ise wari ufungiwe kuri Komine kugira ngo atajya kuvuga akababaro ke mu butegetsi bwo hejuru.

IPJ wo muri Gatare yibwirira abaturage ko ari nta kuri kutagira ifaranga. IPJ abwira abaturage ati ese njye murabona nzubaka ryari ingoro nziza "GATARE IRARIKA" nkuko abandi batagetsi bo muri Gatare babigenza ? Umuturage iyo yitabaje urukiko rwa Kanto asanga rwuzuyemo amatiku n'ubutiriganya bwicaje ikinyoma. Kuko ku baturage ijana bitabaje urwo rukiko 2% barenganurwa naho 98% bakanigirwa ku mukingo wa ruswa.

**Inyamaswa nini zitungwa n'intoya**

Abaturage bari bafite amasambu meza benshi bayakuwemo kugirango abategetsi babone aho bahinga. Ndetse ngo n'iyo umuntu ashatse kwubaka afite amafaranga apfa gufungira Burugumesitiri maze akamuha impapuro zihambiriza umuturage adahawe n'impamba. Erega n'imfashanyo zagenewe abatishoboye bo muri Gatare zahawe abishoboye bumvikana n'abategetsi b'iyo Komine.\ Ibishyimbo byo byacururijwe muri Koperative COMBUGA. Burya koko ufite azongererwa ! Ibyo bishyimbo by'imbabare zo muri Gatare byanyerejwe byari bikoze ku bategetsi bamwe bo muri GATARE. Ndetse Agoronome w'iyo Komine we byamugejeje no muri gereza uretse ko atatinzemo kubera ko ngo yabivuze neza.

Abaturage bo muri GATARE babonye isari yasumbye iseseme, bajya gusuka lisansi gutwika imodoka ya Komine Burugumestiri yari yaraje iwe. Abo baturage bashaka guhima Burugumesitiri bibwira ko iyo modoka ari iye. Dore ko iyo modoka yayikoresherezaga ibyo yishakiye. Nyamara nyuma y'aho abaturage bababajwe n'uko iyo modoka yakoreshejwe n'amafaranga menshi kandi azatangwa na Leta.

Ikibazo cy'amazi mabi abanyagatare banywa kandi imfashanyo zo kuyazana zaratanzwe maze abategetsi bakayanyereza. Urubyiruko rwo muri GATARE narwo rurijujuta. Ndetse ngo rurifuza ishyaka rizabaha uburyo bwo gukoresha imbaraga zabo kugirango bazamure urwababyaye. Abaturage ntibatinya no kuvuga ko ishyaka rizitabaza GATABAZI watereranye abaturage, nabo bazaritera umugongo. Abashinga amashyaka rero nimuzirikane ko mu minsi iri imbere ubutegetsi buzatangwa n'abaturage.

*RUBERA Papias*


## Tarif de publication par numéro

| Pages intérieures | Une Page | 1/2 Page | 1/3 page | 1/4 page | Une ligne |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 numéro | 15.000 | 7.000 | 6.000 | 5.000 | 1.000 |
| 1 mois | 13.000 | 6.000 | 5.000 | 4.500 | 1.000 |
| 6 mois | 11.000 | 5.000 | 4.000 | 3.000 | 1.000 |
| 12 mois | 9.000 | 4.000 | 3.000 | 3.500 | 1.000 |

**Couleur supplémentaire 5000 Frw**

**Seuls les professionnels du Commerce savent le secret de la publicité**
**Tantez votre chance**

KA02 1416

KA021416

# TWAGIRAMUNGU Faustin ARABESHYA RUBANDA



*Nguwo Twagiramungu Fawusitini*

Harya TWAGIRAMUNGU Faustin yarahiye ko atazi icyo yafungiwe? Ibyo bintu yabitangaje mu kinyamakuru RWANDA RUSHYA Nº 7, agira ati: "Sinzi icyo nafungiwe, nanjye ngasiga ab'iwanjye ku kiriri, ngafungwa nta rubanza, nkava iwanjye mbwiwe ko ngiye kubonana na Perezida wa Repubulika, manurwa muri 1930! Babyita misiyo, nzira iki se? Ngo ntabwo nahaye ikipi ya (ZEDE) ZIGIRANYIRAZO ariyo Mukungwa igikombe cya Shampiyona. Igihe nafungwaga nari Perezida wa FERWAFA, rya Shyirahamwe ry'umupira w'amaguru ryo mu Rwanda. NDUWAYEZU wari mukuru wa Sûreté na ZIGIRANYIRAZO wahoze ari Perefe mu Ruhengeri, babwiye rubanda ko ndi umujura kuko nagendeye mu modoka AUDI nari nashatse kugura n'umuntu wari urimo umwenda wa STIR yamuhaye igihe nari nkiyobora iyo Sosiyeti"!

Dore rero ukuri muri ibyo bintu byabaye kuri TWAGIRAMUNGU Faustin ni uku:

1º Sosiyete STIR yandikiye inzego zose zishinzwe Iperereza n'umutekano, isaba ko bayifasha gushaka imodoka AUDI yari yibwe n'umuntu itazi.

2º Ubwo Ibiro by'Iperereza, kubera umwete wabyo, byahise bikora akazi kabyo vuba. Mu minsi nk'ibiri bigwa kuri iyo modokari ku mangazini mu mujyi i Kigali; uwo bayisanganye akaba TWAGIRAMUNGU Faustin.

3º Ibiro by'Iperereza byahise bibwira TWAGIRAMUNGU Faustin kujyana iyo modokari kuri Perezidansi. Uwo mugabo TWAGIRAMUNGU akihagera ubwo ankete zahise zitangira. Batuma kuri STIR kuza gusobanura iby'iyo modoka no kwerekana ibyemezo by'uko ari iyayo koko; STIR iraza yemera ko imodokari yashakwaga ari iyo n'ibyemezo by'uko ari iyayo. TWAGIRAMUNGU nawe akomeza kuvuga ko ari iye.

Ubwo TWAGIRAMUNGU arafatwa kugira ngo atajya guhimba impapuro cyangwa ibindi bimenyetso byo kuyobya ankete. Ankete irangira yerekana ko iyo modoka ari iya STIR koko.

Kuvuga ko yamaze iminsi 9 afunze, si igitangaza, ahubwo igitangaza ni ukubona ankete ya TWAGIRAMUNGU yarihuse kuruta izindi zose tujya tubona zimara amezi n'amezi!

4º TWAGIRAMUNGU Faustin ntiyafungiwe urwango cyangwa akandi gasuzuguro, kuko uroye neza wasanga atari we wasuzugurwa cyangwa ngo bamwange byo kumufungira urugomo. Ahubwo yarifungishije, kuko yakomezaga kwemeza ko iyo modokari ari iye, kandi azi neza ko atari byo. Iyo modokari iyo bayifatana umushoferi we cyangwa undi wese aba yarafunzwe, igihe bagikora ankete. Ndetse aribyo iyo bayifatana umushoferi wa Twagiramungu akavuga ko ari iya shebuja, TWAGIRAMUNGU yahamagarwa akavuga ko ari iye, ni hahandi nabwo aba yarafunzwe, kubera za mpamvu twavuze zo kwica ankete!

5º Ibyo kuvuga ko yafungiwe ko yanze gutanga igikombe cya Shampiyona, ni ibinyoma byo gushaka kwerekana ko yahanganye n'abakomeye kuva kera! None se ankete yakozwe yasanze iyo modoka ari iye? Umuntu wese wibye agafatanwa igihanga, azajya avuga ko yazize urwango rw'amafuti? Ibyo gusebya abanyacyubahiro bireze, ariko umuntu ajye avuga ukuri. Baciye umugani ngo: "ujya kubeshya ava aho bamuzi". Ibyo bintu ko bitabereye mu mahanga, kandi ko atari kera cyane na bwo, STIR iracyaraho, n'abakozi b'icyo gihe benshi baracyahari, ubwo TWAGIRAMUNGU arashaka kwiyerurutsa, yibagiwe ko yafungujwe n'incuti ze basangiraga umutungo wa STIR?


Ubu se, TWAGIRAMUNGU Faustin arashaka kuvuga ko uretse iyo modokari yashakaga kwiba, akayifatanwa kuko ari ikigaragara, yavuga ko yavuye muri STIR nta faranga ryayo atwaye? Nakomeza kuvuga bene ibyo tuzamutangaza, kuko ngo uwububa abonwa n'uhagaze!

Nareke kwanduranya kuri ZIGIRANYIRAZO ntaho ahuriye n'iyo modokari AUDI, n'iyo dosiye ntayizi uretse kuyumva nk'uku twayumvise twese.

Kandi ikindi gihe uzasanga abantu benshi bazahinduka ya nkunguzi y'igikoba ngo yikururira amakara! Iyo adatangariza rubanda ko yafungiwe igikombe cy'umupira, ntibajyaga kumenya ko yari yibye AUDI!

*NTAMWETE J.M.V.*
*Gatenga-Gikondo*

KA021417



**NGEZE Hassan ati: «Nzemera mvuge mbizire ariko mburire abahutu». Ubu arafunzwe. Abakunzi ba KANGURA baramwifuriza kuzava muri gereza amahoro.**

*Tiré sur les presses de la Printer Set*